



# Amabwiriza ku bigisha

Igihe cya Bibiliya Ibyiciro 1 na 2

Ibyigwa A  
Inyigisho 1-6

## **Bible Educational Services**

Registered Charity UK (No 1096157)

### **Icyo tugamije**

Kugufasha ngo nawe ufashe abandi dukora ibikoreshwa ku isi yose, amasomo ya bibiliya y'uruhererekane hakoresha amasomo afasha kwigisha Ijambo ry'Imana ku b'iki gihe no ku ba hazaza.

### **Iyerekw**

Koroshya ikorwa ry' ibikoresho bifasha kwigisha Bibiliya mu zindi ndimi zitandukanye zo ku isi hose, mu buryo bunyuranye bw'itumanaho, dufatany n'abandi dusangiye indangagaciro.

## **IMENYESHWA RUSANGE**

### **Icyo 'Bible Educational Services' ikora:**

Bible Educational Services (BES) itanga ibi bikurikira "igihe cya Bibiliya" (Bibletime), "Ubuzima Bushya" (Newlife) na "Abasaruzi" (Gleaners), inyigisho za Bibiliya mu Cyongereza ikanafasha amashuri ya Bibiliya ku i POSITA n'indi miryango bisa ikoresha inyigisho za BES mu Bwongezeza no mu bindi bihugu, ikabikora mu kubasura, imikoraniye, inama n'amahugurwa. BES kandi ubu ikora mu bufatanye n'amatsinda ari mu bindi bihugu, ahindura, agatunganya kandi agatanga inyigisho. Inyigisho zigomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuli bose. Inyigisho Igihe cya Bibiliya zakoreshejwe bwa mbere muri Irlande y'Amajyepfo hashize imyaka irenga 50. Bible Educational Services ni yonyine ifite ububasha bwo guhindura inyigisho Igihe cya Bibiliya mu Cyongezeza no mu zindi ndimi z'amahanga zose. Inyigisho Igihe cya Bibiliya zatangagwa ku mpapuro A4 byasabaga abanyeshuli b' ahantu hatandukanye, ko buri byumweru bine bohereza izo mpapuro kuri Centre y'Ishuli rya Bibiliya ngo bakosorwe. Turashimira 'Every Home Crusade (Revival Movement) mu mujyi wa Belfast, ko vuba aha yasohoye inyigisho z'amezi atandatu mu mpapuro A5, byatumye ikoresha ryazo mu matorero no mu mashuri birushaho koroha, by'umwihariko aho imikorere y'i posita itameze neza.

Inyigisho za BES ziri hariye kuko zateguriwe kwigwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero/Ishuli), zikigwa mu buryo hakurikizwa urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuli bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitatu by'inyigisho bikurikiza imyaka y'abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda ry'imyaka hari urutonde ku myaka itatu (reba p. 4). Imyaka yo kujya mu itsinda igenwa hakurik-ijwe kwiyongera ku ubushobozi bw'umwana. Ibikoresho by' igihe cya Bibiliya biha abana amahirwe yo kwiga Ijambo ry'Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n'ibigoye byerekeye ubutumwa bwiza mu mibereho yabo.

Inyigisho zasohotse wazibona mu Cyongezeza urebye ku rubuga rwa BES: [www.besweb.com](http://www.besweb.com) cyangwa mu bunyamabanga mpuzamahanga. Ziboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibyangombwa bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

## **Aho wabariza BES mu Rwanda:**

### **Rwanda BES Coordinator:**

Mr AMINADAB, M, M

Email: [aminambanza@yahoo.fr](mailto:aminambanza@yahoo.fr)

Phone: +250786625297 Nyamirambo Office

### **International and Northern Ireland Secretary (stockist of all lessons)**

Mr S Balmer, 37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Phone: 0286 632 2462

Email: [sam@besweb.com](mailto:sam@besweb.com)

### **UK Secretary**

Mr Stephen Gillham, 32 Firs Glen Road, West Moors, Ferndown, Dorset BH22 0ED

Phone: 01202 873500

Email: [stephen@sgillham.co.uk](mailto:stephen@sgillham.co.uk)

Web address: [www.besweb.com](http://www.besweb.com)

Email address: [info@besweb.com](mailto:info@besweb.com)

## AMABWIRIZA ku BIGISHA

Mu ntangiriro, inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' zakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita ya Centre y'ishuli rya Bibiliya, ariko inyigisho zakomeje kwiyoungera no gukoreshwa aho ubwo buryo butizewe cyangwa butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuri yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa mu icyiciro 1, 2 cy'inyigisho ku bana bafite imyaka 05 - 10.

Buri gitabo cy'amabwiriza gikurikiza imirongo itangwa munyigisho igihe cya Bibiliya'. Inyigisho 'Igihe cya bibiliya n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa buri cyumweru. Inyigisho zo mu kwezi kwa kane zivuga. by'umwihariko ku bya Pasika naho izo mu kwezi kwa cumi na kabiri zikavuga kuri Noheli.

Hamwe bakoresha Inyigisho yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo Inyigisho 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga Inyigisho A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru Inyigisho Izuzurizwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa ijyanwe mu rugo nyuma igarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya Inyigisho maze azikosore, agarurire banyeshuli izo Inyigisho vuba.

Mugihe hakoreshwa udutabo, nyuma ya buri Inyigisho, udutabo turakusanywa tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Bityo rero mu ishuli dushobora gusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa ukuyobozi akanyura mu nyigisho mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Kuri paji yanyuma mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri nyigisho ya buri kwezi, n'umwanya wo kuvuga uko umunyeshuli yataye imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu y'Inyigi.

## UGUTEGURA KW'ABIGISHA

Ntabwo dushaka gutanga amategeko adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Dore ibishobora kwitabwaho mu gukoresha ibikoresho by' 'Igihe cya Bibiliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba uko bishoboka bazi inkuru ya Bibiliya n'Inyigisho Igihe cya Bibiliya ijyanye n'iyi nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iyo Inyigisho mbere. Amabwiriza kuri buri Inyigisho nayo akaba yaritondewe mu ugutegura imfashanyigisho.
- **Gusobanukirwa Inyigisho agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri Inyigisho uzabona amagambo 'Turi kwiga ko' akurikiwe n'ibitekerezwa kwigwa bibiri ibyo abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye no kwiga Inyigisho 'Igihe cya Bibiliya'. icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyi nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu Inyigisho kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Yitangire:** ku inyigisho zose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangiza inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavugaga ku ngingo itangira inkuru.
- **Yigishye:** twatanze ingingo z'ingenzi mu inkuru. Twiringira ko abigisha batazazifashisha mu gihe batanga inkuru, ahubwo bayimenyereze kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana basobanukirwa inyigisho z'ingenzi ziri mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya iyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru ivugwa. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono *UBERAMYE*.
- **Yige:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri y'ingenzi, kuko twongeraho undi murongo w'ingenzi uzorohereza abana kwiga. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y'ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi ku mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Yirangize:** Mu miterere y'ishuli uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuzura imikoro n'ubushobozi bw'umwigisha busabwa. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'inyigisho mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera inyigisho. Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoresha Igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuli, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanezeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.
- **Yibuke:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.

- **Yerekane:** Turemera ko mu mi miterere imwe n'imwe kwereka bizagorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanywa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiye muri buri nyigisho twatanze amakuru ku by'amashusho wayakura ku rubuga [www.freebibleimages.org](http://www.freebibleimages.org) (FBI). Ahandi wakura ibikoresho ni: Eikon Bible Art ([info@eikonbibleart.com](mailto:info@eikonbibleart.com)), ariko ibyo bikoresho biragurwabye. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri gihe cya Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyateye amabara.

## Wigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe n'amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwaho, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'ingenzi wakoresha:
  - a) Uburyo bw'Umugenzuzi yegera amatsinda abiri - umubare inyuguti- imyanya imirongo y'ingenzi itangwa izo nyuguti zikuwemo - abana bahitamwo inyuguti bashakira kugeza ubwo hari ubashije kumenya umurongo.
  - b) Urusobe rw'imirongo muri Bibiliya ruraboneka, maze abana bese bagashakira uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

## Igena gihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ya buri nyigisho ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe ku kindi.
  1. Gutanga no kuvugira inkuru - byafata iminota 15
  2. Kwigisha umurongo w'ingenzi - Iminota 5 -10
  3. Kuzaza urupapuro rw'umukoro - iminota 20
  4. Ibibazo n'ibikorwa - iminota 5-10

Ibuka iyi mvugo ikomeye ngo:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,  
Nyereka kandi nzabyibuka, bimpemo  
uruhare nibwo nzabisobanukirwa”.

## Urutonde rw'ibygwa by'Igihe cya Bibiliya

	ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10)	ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13)	ICYICIRO 4 (Imyaka 14+)
IBYIGWA BIBANZA	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Inyigisho ibanza - Gut</li> <li>2. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>3. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>4. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Inyigisho ibanza - Gut</li> <li>2. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>3. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>4. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Inyigisho ibanza - Gut</li> <li>2. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>3. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> <li>4. U1 - Ubutumwa bwa Luka</li> </ol>
IBYIGWA A	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa</li> <li>2. Nowa</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Aburahamu</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Petero</li> <li>8. Petero</li> <li>9. Yakobo</li> <li>10. Abakristo ba mbere</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa</li> <li>2. Nowa</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Aburahamu</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Yakobo</li> <li>8. Isengesho</li> <li>9. Paulo</li> <li>10. Paulo</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa &amp; Kugwa</li> <li>2. Ibya mbere- Itangiriro</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Petero</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Yakobo</li> <li>8. Imibereho ya gikristo</li> <li>9. Pawulo</li> <li>10. Pawulo</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>
IBYIGWA B	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Ubuto bwa Kristo</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Imigani</li> <li>6. Yosefu</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Ababonye Yesu</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Mose</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Imigani</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Abakristo ba mbere</li> <li>6. Yosefu</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Abanditse Ivanjili</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Mose</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Parables</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Abakristo ba mbere</li> <li>6. Yakobo &amp; umuryango we</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Ibyak 2: 42 – Inzira imbere</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Amategeko</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>
IBYIGWA C	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Ibindi bitangaza</li> <li>3. Ababonye Yesu</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi &amp; Samweli</li> <li>6. Dawidi</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Yona</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Ababonye Yesu</li> <li>3. Ibindi bitangaza</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi</li> <li>6. Samweli</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Abo Imana yakoresheje -IK</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Ibyo Yesu yavuze</li> <li>3. Imbaraga z'Uwiteka</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi</li> <li>6. Samweli</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Ibindi byo mu IK</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>

## A1 Inkuru 1

### Imana irema Isi – Iyi nkuru iravuga ukuntu Imana yaremye ijuru n’isi.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yaremye isi.</li><li>• Tugomba gushimira Imana ku bw’ibintu byose yaremye.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi:</b> Itangiriro 1:1 <b>Igice cya Bibiliya:</b> Itangiriro 1:1-19</p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Erekana ifoto y’inzu cyangwa ubwire abana gushushanya iyabo nzu.</li><li>• Baza abana ibibazo kuri iyo nzu. Bisaba igihe kingana gute kugira ngo iyo nzu yubakwe? Ukeneye iki kugira ngo uyubake?</li><li>• Bisaba ibikoresho byinshi kugira ngo wubake inzu nyamara Imana yaremye isi ntacyo ihereyeho.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n’isi. mbere y’uko Imana irema isi hariho umwijima. <b>(Itangiriro 1:1-3)</b> <i>Ubwo yasaga ite niba buri gihe yarahoragaho umwijima?</i> (Wakoresha ifoto y’umuntu upfutse igitambaro mu maso kugira ngo ubisobanure.)</li><li>• Ku muni wa mbere Imana yaravuze ngo nihabeho “Umucyo” ako kanya umucyo ubaho. Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro. Aho kugira ngo umwijima ubeho igihe cyose ahubwo umwijima ukajya usimburana n’umucyo. <b>(Itangiriro 1:4-5)</b></li><li>• Ku muni wa kabiri Imana irongera iravuga, irema isanzure (,ijuru) n’umwuka uri ku isi yose Burira umuni wa kabiri uba urarangiyeye. <b>(Itangiriro 1:6-8)</b>, <i>bwira abana bose bahumeke cyane Sobanura umumaro w’umwuka udukikije icyo aricyo.</i></li><li>• Kugeza aha isi yari igitwikiriwe n’amazimu mazi. ariko igihe cyari kigeze ngo ubutaka buremwe. Imana iravuga ubutaka bushya buraboneka amazi azengurutse ubutaka ahinduka inyanja. Nanone Imana irongera iravuga ngo ubutaka nibubeho amoko atandukanye y’ibimera n’ibiti. Imana ireba ibyo yari imaze kurema byose iravuga ngo “Ni byiza” uwo wari umuni wa gatatu <b>(Itangiriro 1:9-13)</b>. <i>Saba abana bakubwire amazina y’ibimera nimuganire ku mabara yabyo, uko bikoreshwa n’ubwiza bwabyo (akamaro kabyo n’ubwiza bwabyo).</i></li><li>• Ku muni wa kane Imana irema ibimurika bitangaje byo kumurika mu kirere - izuba ryo ku manywa n’ukwezi n’inyenyeri bya nijoro. Imana ireba ibyo bimurika yari imaze kurema ,ibona ko ari byiza <b>(Itangiriro 1:14-19)</b>. <i>Nimuganira muvuga ukuntu izuba ari ryiza. Mutangazwe n’ukuntu hariho umubare munini w’inyenyeri.</i></li><li>• <i>Sobanurira abana yuko Imana yaremye isi nziza kandi ishyiraho buri kimwe cyose dukeneye. Rero dukwiriye kuyishimira ibyo.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>Itangiriro 1:1</b>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Mbere na mbere isi yari imeze ite?</li><li>• Umucyo wagaragaye k’uwuhe muni?</li><li>• Ku muni wa kabiri Imana yaremye isanzure na .....</li><li>• Mu ntangiriro isi yari itwikiriwe niki?</li><li>• Ku muni wa gatatu n’ibihe bintu bikura Imana yaremye?</li><li>• Ni uruhe rumuri Imana yaremeye amanywa?</li><li>• Ni ibi muri ka bihe Imana yaremeye ijoro.</li><li>• Uzuzwa uyu murongo. “Mbere na mbere Imana yaremye .....</li></ul>

## A1 Inkuru 2

### Imana irema inyamaswa n'umuntu – Iyi nkuru iravuga ku muntu wa mbere.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yaremeye abantu mu ishusho yayo kandi barihariye kuri Yo.</li><li>• Tugomba gukurikira inzira z'Imana kuko yaturemye.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Itangiriro 1:31</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 1:20 - 2:3</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Zana ikintu wakoze ntikigende neza. Urugero: umugati washiririye. Vuga ukuntu bibabaje igihe bitari bimeze nkuko wabishakaga.</li><li>• Sobanurira abana ko Imana yaremeye ibiremwa byinshi ariko nta na kimwe muri byo kigeze kitagenda nkuko ibishaka, byose byagenze neza.</li><li>• CYANGWA abanyeshuri bashobora gukora nk'inyamaswa zitandukanye (ibi byakorwa nk'umukino)</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ku munsu wa gatanu Imana yaremeye ibihumbi n'ibihumbi by'amoko y'inanyi n'amafi atandukanye. Imana ireba ibyo yari imaze kurema hanyuma iravuga ngo ni byiza <b>(Itangiriro 1:20-23)</b> <i>ibande ko nyoni n'ibisiga n'amafi bimenyerewe mu itsinda.</i></li><li>• Ku munsu wa gatandatu Imana yaremeye inyamaswa zose irema Twiga z'amajosi maremare, Intare n'ibisamagwe by'amenyo atyaye. Imana yabiremye byose. <b>(Itangiriro 1:24-25)</b></li><li>• Nubwo Imana yari yaremeye ibintu byinshibitangaje hari ikindi kimwe yari isigaje kurema kandi yakiremye muburyo bwihariye. <i>Ereka abana umukungugu mu ntoki noneho ubabaze ikintu bashobora kwukoramo.</i> Imana yafashe umukungugu wo hasi noneho irema mo umuntu wa mbere. Umuntu aba muzima imaze kumuhumekera mo umwuka wayo. Izina ry'umuntu wa mbere ryari Adam, <b>(Itangiriro 1:26-31)</b>. <i>Sobanurira abana ko igihe Imana yaremaga Adamu yakoresheje ishusho yayo (uko iri). Ibi bisobanura ko Imana yaremeye umuntu ngo abeho mu buryo nayo ibayeho. Kuko turi mu ishusho yayo dutandukanye n'izindi nyamaswa kandi dushobora gukora ibintu kandi tugatekereza ku bintu. Kandi nanone bivuze ko tuzi itandukaniro riri hagati y'ikibi n'ikiza, kandi dushobora kwiga gukurikira Imana n'inzira zayo.</i></li><li>• Imana yaremeye isi n'ikintu cyose mu munsu itandatu igihe yari irangije yaravuze ngo ni byiza cyane .ku munsu wa karindwi iraruhuka kandi yishimira buri kintu cyose yaremeye. <b>(Itangiriro 2:1-3)</b> <i>Vuga ukuntu dukenera kuruhuka iyo twakoze ibintu byinshi.</i></li><li>• Soza uvuga ko isi Imana yaremeye yari itunganye rwose kandi ko yari inejewe n'ikintu cyose yaremeye.</li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> Power-point- <a href="http://www.teachingideas.co.uk">www.teachingideas.co.uk</a>.</p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Itangiriro 1: 31</b>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni kuwuhe munsu Imana yaremeye inyoni n'amafi?</li><li>• Imana yabivuzeho iki?</li><li>• Ni iki Imana yaremeye ku munsu wa gatandatu hamwe n'inyamaswa?</li><li>• Imana yavuze ngo iki imaze kurema ibintu byose?</li><li>• Ni nde muntu wa mbere?</li><li>• Imana yakoresheje iki imurema?</li><li>• Byatwaye Imana iminsi ingana iki ngo irema isi?</li><li>• Imana yakoze iki ku munsu wa karindwi?</li></ul>

### A1 Inkuru 3

#### Umugabo n'Umugore ba mbere – Iyi nkuru iravuga kumugore wa Adamu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yaremeye Adamu umugore ngo amufashe kwita ku byo Imana yaremeye.</li><li>• Imana igenzura ikintu cyose.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Waba Itangiriro 2:18 cyangwa Zaburi 24:1</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 2:4-25</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Niba abanyeshuri bafite inararibonye ku busitani, Nimuvuge kubyo babonye biteye ahabegereye cyangwa ubereke zimwe mu ndabo, imbuto, amababi biteye hafi yawe. Niba iby'ubusitani batabimenyereye sobanura byoroshye ko ari ahantu abantu bahinga (batera) ibintu, noneho ugerageze kugaragaza uko biba bimeze.</li><li>• Sobanura ko ubusitani bwa Edeni bwari bwiza cyane kurenza ikintu cyose twashushanya cyangwa twatekereza.</li><li>• Nimuganire ku busitani bwa Edeni – wakwifuzaga kuba mu busitani bwa Edeni? utekereza ko ariki wakwishimira kurenza ibindi? Utekereza ko waba uri wenyine nka Adamu?</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Adamu yabaga mu murima witwa Edeni. Aha Imana yahaye Adamu ikintu cyose yari akeneye cyiza. Ibiryo n'amazi. Imana kandi yaramubwiye ngo arinde ubusitani (ingobyi ya Edeni). <b>(Itangiriro 2:15)</b></li><li>• Imana yeretse Adamu ibiremwa byose yaremeye. Adamu yita buri kintu cyose izina. <b>(Itangiriro 2:19-20)</b></li><li>• Imana ntiyashakaga ko Adamu aba wenyine. Adamu yari azengurutse n'inyamanswa nziza. Inyoni, ibiti n'ibimera ariko Imana yari izi ko akeneye umuntu basangira ubuzima muri Edeni. Imana isinziriza Adamu ubuticura. Rero igihe Adamu yari asinziriye imukuramo umugore wa mbere uturutse mu rubavu rwe. Adamu ntiyakomeza kuba wenyine. Adamu agira umugore witwa Eva wo kumufasha gucunga ubusitani Imana yari yarabahaye. <b>(Itangiriro 2:20-24)</b></li><li>• Muri ubwo busitani harimo ibiti byinshi. Hagati muri ubwo busitamni harimo igiti cyitwaga "igiti cyo kumenyesha ikibi n'ikiza". Imana ibwira Adamu na Eva ko bagomba kurya ibiti byo muri uwo murima uretse igiti cyo kumenyesha ikiza n'ikibi. <b>(Itangiriro 2:16-17)</b> <i>Hera ku mategeko yo mu rugo cyangwa ayo ku ishuri. Kuki tugomba kuba dufite amategeko? (kugira ngo tube tumaze neza kandi twishimye) Reba neza niba abana baba basobanukiwe n'itegeko Imana yari yasabye Adamu na Eva kubahiriza.</i></li><li>• Sobanura ko Imana yaremeye isi n'amategeko ayigenga kuko ari yo yonyine y'ukuri yo kurebera abantu uko bagomba kwitwara. Natwe rero dukeneye kubahiriza amategeko yayo.</li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Wabe Itangiriro 2:18 cyangwa Zaburi 24:1</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Adamu yabaga he?</li><li>• Adamu yagombaga gukora iki muri Edeni?</li><li>• Ni gute inyamaswa zabonye amazina?</li><li>• Uzuzaga iyi nteruro: Imana yashakaga kuremera Adamu . . . . .</li><li>• Imana yakoresheje iki iremera Adamu umugore?</li><li>• Vuga izina ry'igiti gitangajwe muri Edeni.</li><li>• Ni irihe tegeko ry'igiti cyo kumenyesha ikiza n'ikibi?</li><li>• Umugore wa Adamu yitwaga nde?</li></ul>



## A1 Inkuru 4

### Isi y’Imana irononwa – Iyi nkuru iratubwira ku kuza kw’icyaha mu isi.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Adamu na Eva basuzugura Imana bakangiza ibyo yaremye.</li><li>• Natwe dusuzugura Imana. Dukeneye kubabarirwa ibyaha bityo dushaka imbabazi z’Imana.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Waba mu Abaroma 5:12 cyangwa Abaroma 5:1</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 3:1-24</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Zana ifoto nziza. Yangize uyandikamo, uyice.....</li><li>• Nimubiganireho. Ni iki kibaye ku ifoto? Kuri ubu imeze ite?</li><li>• Sobanura ko Imana yaremye isi yuzuye ibyiza hanyuma bikangizwa</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Igihe isi yaremwaga bwa mbere ikintu cyose cyari kimeze neza ariko umunsi umwe umwanzi w’Imana satani yariyoberanyije mu nzoka aza muri Edeni. Inzoka yavuganye na Eva ndetse imubwira kurya ku rubuto rw’igiti kimenyesha ikiza n’ikibi. Ngo arahinduka umunyabwenge nk’Imana. <b>(Itangiriro 3:1-5)</b></li><li>• Eva yumviye umwanzi w’Imana. Asuzugura Imana hanyuma afata imbuto aha umugabo we Adamu noneho bombi bararya <b>(Itangiriro 3:6)</b></li><li>• Uwo mugoroba Imana ishaka kuganira na Adamu na Eva ariko bari bazi ko bayisuzuguye bityo barayihisha <b>(Itangiriro 3:7-8)</b> <i>Hari umuntu waba warigeze gusuzugura? Hari ingaruka byakugizeho? Sobanura ko Adamu na Eva batashoboye kwihisha Imana kandi natwe tutabishobora.</i></li><li>• Imana irahamagara “Urihe”? yari izi ko bayisuzuguye kandi ikibakunda, bagomba guhanwa kubwo agasuzuguro kabo. Imana yirukana Adamu na Eva muri Edeni. Icyaha cyabo cyangiza ibyo yaremye kandi gisenya ubucuti bwabo n’Imana. Kubw’ibyaha bya Adamu na Eva, amahwa n’ibitovu byatangiye kubaho. Inyamaswa n’abantu birarwara, kubabara bitangira kubaho, urupfu rwinjira mu isi <b>(Itangiriro 3:9-24)</b></li><li>• <i>Imana irababara na none iyo dukoze ibibi. Turebe twese hamwe bimwe mu bintu abantu bakora bidashimisha Imana, nyamara Imana iradukunda cyane. Yesu umwana w’Imana yapfiriye ku musaraba kugira ngo dushobore kubabarirwa kandi twongere kuba inshuti z’Imana igihe tumwizeye.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana: FBI – Adamu na Eva basuzugura Imana.</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>Haba mu Abaroma 5:12 cyangwa Haba mu Abaroma 5:1</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde wagerageje Eva agafata imbuto?</li><li>• Ni gute satani yatumye Eva atekereza kurya urubuto?</li><li>• Ni nde Eva yahaye imbuto?</li><li>• Adamu na Eva bakoze iki igihe Imana yari ibahamagaye?</li><li>• Ni gute Imana yumvise ibaye kubyo bari bakoze?</li><li>• Byagenze gute kuri Adamu na Eva?</li><li>• Imana yumva ibaye ite iyo dukoze nabi?</li><li>• Ni gute twashobora kubabarirwa amakosa twakoze?</li></ul>

## **A2 Inkuru 1**

### **Nowa yumvira Imana – Iyi nkuru iravuga ku kubaka Inkuge kwa Nowa.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Nowa n'umuryango we n'inyamaswa barindiwe mu nkuge.</li><li>• Imana yaduciriye inzira ngo natwe dukizwe, dushobora kuyizera nka Nowa.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Ibyakozwe n'intumwa 16:31</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiro 1:1-19</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Saba abana kukubwira inyamaswa bakunda.</li><li>• Nimuganire uko byaba bimeze igihe ziri mu mwanya umwe. Ni hehe, nimuwuhe mwanya zigomba kubamo? Haba hari ayahe majwi? Haba hahumura hate?</li><li>• Babwire ko bagiye kwiga inkuru yo muri Bibiliya ivuga abantu bamwe n'inyamaswa nyinshi byari mu bwato bunini.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Igihe Imana yaremaga isi bwa mbere, ikintu cyose cyari kiza kandi gikeye. Hashize igihe kinini Adamu na Eva basuzuguye Imana. Abana babo barikunda baba babi(abagome) hanyuma Imana yicuza icyatumye ibarema. <b>(Itangiro 6:5-6)</b></li><li>• Isi yose iba mbi ariko hariho umuntu umwe washimishaga Imana rwose. Yitwaga Nowa. Uyu mugabo n'umugore we bari bafite abahungu batatu ndetse n'abakazana babo (abagore babo bahungu) bageragezaga gukora ibyo Imana ishaka, mu gihe indi miryango bari baturanye yakoraga ibyo yishakiye gusa bakibagirwa byose iby'Imana <b>(Itangiro 6:8-10)</b></li><li>• Imana ifata icyemezo ko isi mbi igomba kuyihana, yashakaga ko Nowa yubuka ubwato bunini bwitwa inkuge. Igihe bwuzuye Imana ikazohereza umwuzure mu isi. Ikintu cyose gihumeka kigapfa ariko Nowa n'umuryango we bakazarindirwa mu nkuge. <b>(Itangiro 6:13-18)</b></li><li>• Nowa yakoze ikintu cyose nkuko Imana yari yamubwiye. Byamutwaye igihe cy'imyaka 100 yubaka ubwato bunini bwitwa inkuge. <i>Muvuge ku ngano nk'ikibuga kinini cy'umupira w'amaguru gifite etages (inzu zigerekeranye ) eshatu hejuru.</i> Noneho, nyuma y'umurimo ukomeye inkuge irarangira. <b>(Itangiro 6:22)</b></li><li>• Imana ibwira Nowa kuzana inyamaswa n'inyoni za buri bwoko mu nkuge. <i>Vuga amazina ya zimwe abana bavuze mu gutangira inyigisho. Ibi nibyo byakiriye mu nkuge hamwe n'umuryango wa Nowa. Mubare abantu umunani bo mu muryango wa Nowa binjiye mu nkuge. Igihe bose bari bageze mu nkuge imbere Imana yakinze urugi.</i> Umugambi wayo wo kubakiza uba ugezweho. <b>(Itangiro 7:13-16)</b></li><li>• <i>Sobanura ko natwe twakoze ibibi byinshi, dukeneye gukizwa ibihano by'icyaha cyacu. Imana yaduhaye inzira yo gukirizwamo igihe dushyize ibyiringiro no kwizera byacu mu mwana wayo ariwe mwami Yesu. Ni nk'inkuge Imana yaduhaye.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI - Nowa n'inkuge</p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Ibyakozwe 16:31</b>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Hari hari ikihe kibazo mu isi?</li><li>• Imana yafashe icyemezo cyo gukora iki?</li><li>• Ninde washimishaga Imana?</li><li>• Imana yasabye Nowa gukora iki?</li><li>• Nibande bagiye mu nkuge?</li><li>• Ninde wakinze urugi rw'inkuge?</li><li>• Kuki abantu bari mu nkuge imbere bakize?</li><li>• Nigute twakira igihano cy'ibyaha byacu?</li></ul>

## A2 Inkuru 2

### Gukirizwa mu Nkuge – Iyi nkuru iravuga ugutangira k'umwuzure.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Nowa n'umuryango we bakijijwe nuko bizeraga kandi bakubaha Imana</li><li>• Imana yadusezeranyije kudukiza niba twizera.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Imigani 29:25</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiro 7:1-16</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Saba abanyeshuri kukubwira ibintu bubatse cyangwa bakoze, mwakoresheje iki mubikora? Byari bigoye kubikora? Haba hari uwabafashije?</li><li>• Garuka ku nkuru y'ubushize. Nowa yakoresheje iki yubaka inkuge? Utekereza ko byari byoroshye? Kuki yayubatse?</li><li>• Shimangira ko nubwo byari bigoye Nowa yubatse inkuge, kuko Imana yabimubwiye, yubahirije amabwiriza y'Imana uko ari.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Nowa n'umuryango we bahishwe mu nkuge. <b>(Itangiro 7:6-7)</b></li><li>• Nyuma y'iminsi irindwi imvura itangira kugwa, iragwa, irongera iragwa buri muni, buri muni, ibyatsi byose n'indabyo bitwikirwa n'amazi. Imigezi, inzuzi n'inyanja biba imyuzure ikomeye. <b>(Itangiro 7:17-20)</b> <i>Sobanura ko gihe cyari cyarenze ku abantu bari baranze kwinjira bagaseka Nowa bari hanze y'inkuge.</i></li><li>• Kugeza ubwo amazi yakomeje kuzamuka akongera akazamuka atwikira inzu, ibiti ndetse n'imisozi miremire cyane. <b>(Itangiro 7:20-21)</b> <i>Gerageza gutekereza ukuntu Nowa n'umuryango we bumvaga bameze mu nkuge. Biba byaragenze bite iyo Nowa ataza kumvira Imana?</i></li><li>• Mu nkuge, mo imbere, Nowa, umuryango we n'inyamaswa byari birinzwe kuko Nowa yari yarizeye kandi akumvira Imana, yari ibarinze bose. <b>(Itangiro 7:23)</b></li><li>• <i>Sobanurira abana ko Imana idushaka natwe ngo tuyubahe kandi tuyizere. Imana yadusezeranyije kudukiza natwe, niba twizeye kandi tukayubaha nkuko Nowa yabigenzaga.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Nowa n'inkuge. Na none fungura power point: <a href="http://www.bibleforchildren.org">www.bibleforchildren.org</a></p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Imigani 29:25</b>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni gute Nowa yerekanye ko yizeye Imana?</li><li>• Ni bande bajyanye na Nowa mu nkuge?</li><li>• Bamaze igihe kingana gute mu nkuge ngo imvura igwe?</li><li>• Amazi yazamutse mu kirere kuburyo bungana iki?</li><li>• Ni bande barokotse?</li><li>• Kuki Nowa yarokotse?</li><li>• Ninde uzadukiza nitumwizera?</li></ul>

### **A2 Inkuru 3**

#### **Iyindi ntangiriro – Iyi nkuru iravuga igihe umwuzure wari urangiye.**

<b>YITANGIRE</b>	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Imana yahaye Nowa n’umuryango we isi nshya yo guturamo.</li> <li>• Imana ishobora guhindura ubuzima bwacu bushya, bwiza niba tuyisabye kutubabarira.</li> </ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: 2 Korinto 5:17</b>  <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 8:1-19</b></p>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Bwira abana ko Nowa n’umuryango we bamaze igihe kirekire mu nkuge.</li> <li>• Reka abana biyumvishe batekereze uko byari bimeze mu nkuge. Wari gukora iki muri icyo minsi yose? Wumva wari kuba umeze ute?</li> </ul> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Nyuma y’iminsi 40 imvura irekeraho kugwa ariko umwuzure ukomeza guhisha imisozi ntiyagaragara. <b>(Itangiriro 8:1-4)</b></li> <li>• Umunsi umwe Nowa yohereza igikona kureba ko amazi yagabanutse ariko ntiyagaruka. Nanone yohereza inuma yahise igaruka, hashize icyumweru yongera kuyohereza igaruka ifite ikibabi cy’umunzenze mu kanwa, umuntu wese arishima. <i>Sobanura ko bivuga ko ubushorishori bw’ibiti iki gihe bwagaragaraga hejuru y’amazi. (Itangiriro 8:6-11)</i></li> <li>• Hashize iminsi irindwi Nowa yongera kohereza ya numa ntiyagaruka. Nowa amenya ko amazi yagabanutse cyane ko inuma yabonye ahantu hashya nyuma inkuge ihagarara ku musozi muremure witwa Ararati. <b>(Itangiriro 8:12)</b></li> <li>• Igihe ubutaka bwari bwumye Imana yabwiye nowa gusohokana n’inyamaswa mu nkuge. Mbega amakuru meza kuri buri wese. Bari bamaze igihe kinini bakingiraniwe mu nkuge. <i>Utekereza ko Nowa n’umuryango we bumvise bameze bate igihe bari bavuye mu nkuge bageze hanze? Wowe n’abana nimusuzume ukuntu isi nshyashya icyo gihe yasaga. (Itangiriro 8:15-19)</i></li> <li>• <i>Sobanura ko ntatandukaniro ryacu n’abantu bo mu minsi ya Nowa. Imana ishobora gukuraho ibintu bibi mu buzima bwacu ikaduha imitima mishya. Tugomba gusaba Imana imbabazi no kwizera Nyagasani Yesu we wapfuye abambwe ku musaraba kugira ngo akureho icyaha cyacu.</i></li> </ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Nowa n’inkuge fungura power point kuri <a href="http://www.bibleforchildren.org">www.bibleforchildren.org</a>.</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>2 Korinto 5:17</b>. <i>Sobanura ko umwami Yesu ashobora guhindura ubuzima bwacu bw’imbere.</i></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Ni iyihe nyoni Nowa yohereje hanze y’inkuge bwa mbere?</li> <li>• Ni iki inuma yagarukanye mu kanwa ku nshuro ya kabiri?</li> <li>• Ni hehe inkuge yahagaze ikareka kureremba?</li> <li>• Ninde wabwiye Nowa gusohoka mu nkuge?</li> <li>• Ninde wakize umwuzure?</li> <li>• Ninde wahaniwe ibyaha byacu?</li> <li>• Niki tugomba gukora kugira ngo tugire imitima itunganye myiza?</li> <li>• Uzurisha ijambo ribura: icyo umuntu wese ari muri kristo, aba. .... gishya.</li> </ul>

## A2 Inkuru 4

### Isezerano ry'Imana – Iyi nkuru iravuga ugushimira.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana buri gihe irinda isezerano ryayo.</li><li>• Nkuko Imana yataye kuri Nowa n'umuryango we, Imana yasezeranye ko itazigera ireka abantu bayizera bakayikurikira.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Waba Kubara 10:29 cyangwa Abaheburayo 13:5</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiro 8:20-22; 9:7-17</b></p>
YITANGIRE	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ha abana urugero rw'igihe umuntu yigeze kuguha isezerano.</li><li>• Ha abana umwanya babwire bagenzi babo igihe umuntu yabahaga isezerano.</li><li>• Baza abanyeshuri niba hari umuntu wigeze yabicira isezerano.</li><li>• Bwira abana ko Bibiliya yuzuye amasezerano y'Imana kandi ko Imana itajya yica amasezerano.</li><li>• Bwira abana ko niba duhisemo kwizera no gukurikira Imana yadusezeranyije ko itazatureka.</li></ul>
YIGISHE	<ul style="list-style-type: none"><li>• Nowa n'umuryango we barakijijwe. Babaye mu nkuge igihe kirekire ariko Imana iravuga ngo Nowa n'umuryango we n'inyamaswa noneho bagomba gusohoka. <b>(Itangiro 8:15-19)</b></li><li>• Ikintu cya mbere Nowa yashakaga gukora ni "gushimira Imana" uburyo yamurinze umwuzure we n'umuryango we. Ibi yabikoze akusanya amabuye manini arayagerekeranya yubaka urutambiro (igicaniro) uwo muni Nowa n'abantu baraza batambira Imana ibitambo ku gicaniro kubwo ibantu yari yarabakoreye. <b>(Itangiro 8:20-21)</b> <i>Ni ubuhe bwoko bw'ibintu tugomba gushimira Imana? (wandike urutonde rw'ibintu ugomba gushimira Imana ku kibaho cyangwa kurupapuro runini)</i></li><li>• Imana inezezwa n'uko Nowa n'abantu be bibutse kuyishimira. Ibaha isezerano ritangaje ngo "sinzongera na rimwe kurimbuza isi umwuzure". <b>(Itangiro 8:21-22)</b></li><li>• Imana ishahirahamye umukororombya nk'ikimenyetso bazajya bibukiraho iryo sezerano yabahaye. Igihe cyose Nowa n'umuryango we babonaga umukororombya bibukaga isezerano ry'Imana. <b>(Itangiro 9:12-13)</b> <i>Ni muvuge ku mukororombya n'amabara yayo meza. Shishikariza abana gutekereza ku Uwitaka n'isezerano rye igihe bongeye kubona umukororombya.</i></li><li>• <i>Uwitaka yakomeje isezerano yahaye Nowa? Fasha abana kumva ukuntu Imana ikomeza isezerano ryayo natwe iyo tuyizeye. (reba Abaheburayo 13:5)</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Nowa n'inkuge. Na none fungura power point: <a href="http://www.bibleforchildren.org">www.bibleforchildren.org</a></p>
YIGE	Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Waba Kubara 10:29 cyangwa Abaheburayo 13:5</b>
YIBUKE	<ul style="list-style-type: none"><li>• Hitamo mu bibazo watoranyije mu inyigisho iheruka kuri Nowa urebe ngo ni abana bangahe bibuka iyo nkuru.</li><li>• Nimusubiremo umurongo y'ingenzi abana bize mu nkuru ya Nowa.</li><li>• Abana nibashushanye igice bakunze bandike interuro kubyo bize.</li><li>• Itsinda/ishuri ryose bashobora gushushanya abantu n'inyamaswa bari mu nkuge, nanone umukororombya n'igicaniro.</li></ul>

### **A3 Inkuru 1**

#### **Yesu ahamagara Petero – Iyi nkuru iravuga ugukurikira Umwami Yesu.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yari akeneye abamufasha umurimo n’abazita ku murimo we mu gihe kizaza.</li><li>• Kugirango tube abafasha be, tugomba gukurikira Yesu no kumwumvira.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Matayo 4:19</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 4:18-22</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Nimuvuge ku ncuti. Ni hehe bahuriye n’inshuti zabo bwa mbere? Kuki ari byiza kugira inshuti? Ni ubuhe bwoko bwiza bw’inshuti umuntu akwiriye kugira. (shyiraho urutonde rurimo: abaca bugufi, abafasha abandi, abizerwa...)</li><li>• Sobanura ko Umwami Yesu nawe yari afite inshuti nziza kandi uyu muni tukaba tugiye kwiga kuri zimwe murizo.</li><li>• Kora ikinamico nto, ikiyaga kinini cyitwa inyanja ya Galilaya gikikijwe n’imisozi. Abarobyi hano barimo bafata amafi, sobanura ukuntu bariho babikora (amato, inshundura n’ibindi...) wari umurimo ukomeye.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yahamagaye Petero na mwene se Andereya (<b>Matayo 4:18-19</b>). Petero na Yohani bari bahuye na Yesu bwa mbere bamenye ko ari umuntu w’umumaro. Aha rero Yesu yashatse ko bareka kuroba bakaza bakamufasha umurimo we. <i>Koresha amagambo mashya Yesu yakoresheje, noneho usobanure ko umurimo wabo mushya kwari ukuzana abandi bantu ngo bamenye Yesu. Mbega umurimo mwiza Yesu yabahamagariye gukora?</i></li><li>• icyo Petero na Andereya bakoze (<b>Matayo 4:20</b>) bamenye byihuse ko ari umurimo mwiza bagiyemo berekanye ubushake bwabo bahita bamukurikira ako kanya. <i>Gereranya ibi n’imibereho y’ubuzima abana babamo bumvira. Ako kanya genzura ukuntu Petero na Andereya bumvaga bameze (banezerewe, bishimye, ndetse ari abadasanzwe kuko Yesu yari yabahisemo). Ku rwego rwa 2 rw’ abana, sobanura ko aba bari abigishwa ba Yesu, ibi bivuze ko baribiteguye gukurikira Yesu aho agiye hose, kumwigiraho no kumwumvira.</i></li><li>• Yesu ahamagara Yakobo na Yohani (<b>Matayo 4:21-22</b>) nanone uwo muni Yesu ahamagara abandi barobyi babiri nabo baramukurikira (urwego rwa kabiri).</li><li>• <i>Umwami Yesu arashaka ko buri wese muri twe amukurikira niba tumukurikira ashobora kudukoresha mu murimo we, nk’abarobyi mu nkuru ya Bibiliya, tugomba kubaha ijamba rye. Nihehe twabona ijamba rye ryatwandikiwe? (Tanga umumaro wa Bibiliya.)</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana: FBI Yesu ahamagara abigishwa be bambere</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha umurongo w’ingenzi, genzura niba abana bumvise (basobanukiwe) abarobyi b’abantu – <b>Matayo 4:19</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni abarobyi bangahe Yesu yahamagaye bose hamwe?</li><li>• Bakoreraga he?</li><li>• Ninde muvandimwe wa Andereya?</li><li>• Yesu yabasezeranyije kubahindura iki?</li><li>• Ni iki Petero na Andereya basize inyuma igihe bajyanaga na Yesu?</li><li>• Ni gute Petero na Andereya bagaragaje rwose ko biteguye kuba abigishwa ba Yesu?</li><li>• Ni bande bantu babiri Yesu yabonye ubwa kabiri?</li><li>• Niki Yakobo na Yohani bakoraga igihe Yesu yabazagaho?</li><li>• Ninde wari kumwe nabo mu bwato?</li><li>• Rangiza iyi nteruro: Niba dushaka kuba abakurikira Yesu tugomba ..... ijamba rye.</li></ul>

### A3 Inkuru 2

#### Yesu afasha Petero – Iyi nkuru iravuga uko Petero yamenye ko ari umunyacyaha.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Ububasha bwa Yesu bwagize ingaruka mu buzima bwa Petero.</li><li>• Yesu ni umwana w’Imana kandi aradushaka ngo tumukurikire nkuko Petero yakoze.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Luka 5:10</b> <b>Igice cya Bibiliya: Luka 5:1-10</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Saba abana gutekereza ibintu bazi gukora neza. Bibutse ko twese dufite ubuhanga n’ubushobozi.</li><li>• Petero yari umuhanga mu kuroba. Yabaye umurobyi igihe kirekire ariko mu nkuru y’uyu munsu Petero yizeko akeneye kubahiriza amabwiriza ya Yesu kugira ngo agere ku ntsinzi ye. (Sobanura ko akenshi Petero bamwitaga Simoni cyangwa Simoni Petero.)</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ibutsa abana ibiri mu nyigisho iheruka. Mu nkuru y’uyu munsu Yesu yakoresheje ubwato bwa Petero yigisha abantu ijamba ry’Imana. <b>(Luka 5:1-3)</b></li><li>• Itegeko rya Yesu kuri Petero. Yesu yabwiye Petero kujya imuhengeri ngo ajugunye urushundura hanyuma afate ifi. <b>(Luka 5:4-5)</b> <i>Tekereza uko ibi bintu Petero yabifashe.</i></li><li>• Ugufata amafi menshi <b>(Luka 5:6-7)</b> <i>Reba kuba bari bafashe amafi kandi ijoro ryose ntayo bari babonye.</i> Iki cyari ikitangaza, umuremyi w’amafi yose yari kumwe na Petero mu bwato kandi n’imbaragaze bwa zatumye amafi aza mu rushundura rwa Petero.</li><li>• Uko Petero yabyakiriye <b>(Luka 5:8-9)</b>. Sobanura ko Petero yahise ahishurirwa bundi bushya Yesu uwo ari we. Ntabwo yari umuntu usanzwe nka Petero. Yari Umwami Yesu ushoboye byose kandi yigereranyije asanga ni umunyabyaha Petero ahita amenya ko ari umunyabyaha.</li><li>• Umurimo mushya wa Petero <b>(Luka 5:10)</b> Yesu yabwiye Petero ko uhereye uwo munsu agomba kujya aroba abantu. <i>Genzura ko abana barimo basobanukirwa n’igitekerezo cyo mu nkuru yo mu cyumweru cyashize.</i> Noneho Petero amenya ko Yesu afite byose kandi ko ari umuntu w’umumaro kuri we, asiga byose aramukurikira. <b>(Luka 5:11)</b></li><li>• <i>Yesu arashaka ko tumenya gukomera kwe n’Imbaraga ze, dushobora kumugira mu buzima bwacu. Mbega itandukaniro azakora igihe tuzaba twahisemo kumwakira no kumukurikiza nkuko Petero yabigenje.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>Luka 5:10</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni iki Yesu yakoresheje cyari icya Petero ?</li><li>• Ni iki Yesu yabwiye Petero gukora igihe yari amaze kuvugana n’iteranirwo?</li><li>• Ni ryari Petero yari aheruka kuroba?</li><li>• Ni gute Petero yarwanye n’ayo mafi menshi yari afashe? yakoze iki ayabonye?</li><li>• Ni irihe zina twaha igikorwa gitangaje Yesu akoze kuko ari Umwana w’Imana?</li><li>• Kuki Petero yikubise hasi apfukamye imbere ya Yesu?</li><li>• Ni nde wundi watangaye abonye ayo mafi uko angana?</li><li>• Ni iki Yesu yabwiye Petero ko agomba gukora uhereye uwo munsu?</li><li>• Ni iki Petero n’inshuti ze bakoze bwa nyuma muri iyi nkuru?</li></ul> <p><b>Yigaragaze:</b> niba urimo wigisha inkuru mu buryo bujyanye n’ishuri ufite ikaramu y’igiti, urupapuro, umukasi, buri mwana ashushanye ifi ayikate neza. Amafi yose yerekaniye hamwe. Hanyuma ushyireho umutwe hejuru wibutsa abana iyo nkuru. Urugero: Umwami Yesu yafashije Petero gufata amafi menshi.</p>

### A3 Inkuru 3

#### Yesu ahosha umuhengeri – Iyi nkuru iravuga ku mbaraga z’Umwami Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yari ashoboye guturisha umuyaga kuko ari Umwana w’Imana.</li><li>• Dukeneye kwizera Umwami Yesu nk’Umwana w’Imana.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Matayo 8:27</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 8:23-27</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ku kirere ku buryo abana bazi neza, ikirere kijya gihinduka vuba. Urugero: iyo ufitite inorora mumvura nyinshi?</li><li>• Vuga uko ikirere kigira ingaruka ku kugashya n’ingaruka y’imiyaga iyo ibaye nyinshi. Mu nkuru y’uyu muni Yeu n’abigishwa be barimo bagashya ngo bambuke inyanja ya Galilaya.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ituze ritangira-Sobanura ukuntu habaye amahoro -mu kanya yari asinziriye. <b>(Matayo 8:23-24)</b></li><li>• Umuraba: Ako kanya umuyaga ukomeye uratangira noneho abigishwa bagira ubwoba <b>(Matayo 8:24)</b> bisobanure ukoresheje kubikina, urusaku, kuzunguzwa birakomera mu bwato, bashaka uko bakwikiza.</li><li>• Ubwoba bw’abigishwa. <i>Sobanura ko bari bafite ubwoba bwinshi kuko batekerezaga ko bagiyeye kurohama.</i> Bihuse bahita bakangura Yesu ngo abakize. Koresha amagambo y’ubu <b>(Matayo 8:25)</b>. Yesu yababajwe nuko abigishwa be bari bataramwizera. <i>Sobanura ko kugira kwizera bivugaga kumwiringira.</i> <b>(Matayo 8:26a)</b></li><li>• Imbaraga za Yesu. Yesu yahagaritse umuyaga <b>(Matayo 8:26b)</b> reba <b>Mariko 4:39</b>, <i>sobanura ko umuyaga wahagaze ako kanya kandi neza.</i></li><li>• Ugutangira kw’abigishwa <b>(Matayo 8:27)</b>. <i>Sobanura ko igihe babonaga ubutware bwa Yesu bukuraho umuyaga n’umuraba babonye ko atandukanye nabo.</i></li><li>• <i>Reba neza niba abana basobanukiwe impamvu Yesu yari ashoboye guturisha umuyaga, yari Umwana w’Imana yaremye ibintu byose.</i></li><li>• <i>Afite bububasha ku kintu cyose mu isi yacu, harimo n’ikirere. Kangurira abana gutekereza ku mibereho y’ubuzima iyo bizeye Yesu kandi bakabona ko ari we igihe cyose ubayoboye.</i></li><li>• <i>Dukwiriye kwizera ko ari Umwana w’Imana by’ukuri.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana: FBI - Yesu aturisha umuyaga</b></p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>Matayo 8:27</b>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Iyi nkuru yabereye he?</li><li>• Ninde winjiye mu bwato bwa mbere?</li><li>• Bakoze iki igihe umuyaga wari uje?</li><li>• Yesu yakoraga iki igihe umuyaga wari utangiye?</li><li>• Kuki abigishwa bakanguye Yesu?</li><li>• Kuki Yesu yababajwe n’abigishwa be?</li><li>• Kuki Yesu yashoboye guturisha umuyaga ariko abigishwa bo bikabananira?</li><li>• Ni irihe zina waha igikorwa gitangaje Yesu yakoze?</li></ul> <p><b>Yikine:</b> Iyi nkuru ubwayo irimo umukino w’abigishwa 12 bicaye neza mu bwato, abandi bashobora kumvikanisha amajwi y’umuraba mu gihe umuyobozi mukuru asoma iyinkuru abana bagakora muburyo butunguranye ibikorwa bitandukanye bavugaga amagambo akwiriye (ajyanye).</p>



### A3 Inkuru 4

#### Yesu arokora Petero – Iyi nkuru iravuga ku isengesho rigufi rya Petero.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yakijije Petero kubw' isengesho rye rigufi yari asenze.</li><li>• Dukwiriye kwizera Umwami Yesu kugira ngo dukizwe.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Matayo 14:33</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 14:22-33</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Sobanura ko icyo ufashe igihe ku muntu umumenya neza, ushobora gufasha abana kwibuka icyo Petero amaze kwiga kuri Yesu.</li><li>• Reka ubwabo baguhe ibitekerezo kandi niba ufite urupapuro ubwandikeho. Urugero. Yesu ni Umwana w'Imana, ashobora gukora ibitangaza, afite ububasha hejuru y'inyanja.</li><li>• Mu nkuru y'uyu munsu Petero yize ibindi byinshi kuri Yesu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Abigishwa batangiyeye urugendo rwo mu mazi n'ubwato igihe Yesu yari agiye gusenga wenyine (<b>Matayo 14:22-23</b>) <i>Sobanura umumaro w'amasengesho mu buzima bwa Yesu.</i></li><li>• Umuyaga (<b>Matayo 14:24</b>). <i>Ibuka umuyaga mu nkuru iheruka mu cyumweru cyashize kandi usobanure ibi; Yesu yabonye abigishwa bari mu kaga ahita aza aho bari bari mu gicuku (<b>Matayo 14:24-27</b>). Sobanura icyo abigishwa batekereje n'uko bumvise babaye. Andika ijambo rya Yesu ryo kubatera umwete.</i></li><li>• icyo Petero yasabye. Petero yashakaga kumenya by'ukuri ko ari Yesu koko, niko gusaba Yesu ko amwemerera nawe akagenda hejuru y'amazi. Yesu yaramubwiye ngo "Ngwino" Petero ahita ava mu bwato atangira kugenda hejuru y'amazi asanga Yesu (<b>Matayo 14:28-29</b>). Bose baragenda kugeza aho Petero yakuriye amaso kuri Yesu, areba umuraba noneho atangira kurengerwa.</li><li>• Yesu akiza petero. <i>Koresha amagambo ya Petero uvuye uko yahise ahamagara Yesu ngo amukize. (<b>Matayo 14:30-32</b>) Noneho bombi bagera mu bwato umuyaga uraceceka urutuzza. Sobanura ibyiyumviro by'abigishwa kubari bimaze kuba. (<b>Matayo 14:35</b>)</i></li><li>• <i>Petero yarakeneye gukizwa kurohama. Dukeneye gukizwa icyaha mu buzima bwacu, Umwami Yesu niwe wenyine ushobora kudukorera ibyo gusa. Yesu yahanwe igihano cy'ibyaha byacu ubwo yapfiraga ku musaraba. Dukwiriye kumwizera.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI, Yesu agendera hejuru y'amazi</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w'ingenzi – <b>Matayo 14:33</b> <i>Sobanura icyo kuramya bivuga, abigishwa bari batangaye kandi buzuye ibyishimo kubyo bari bize kuri Yesu. Sobanura ko abantu bari hose bakunda Umwami Yesu, iri ni ijambo ritangaje bagomba kuvuga bivuye mu mitima yabo.</i></p>
<b>YIBUKE</b>	<p>Isuzuma rigomba kuba ryibanda ku nkuru zose muri A3 niba hari udukarita ushushanye amafi atandukanye uko angana, mu gusubiza ibibazo, abana bajye batoranya cyangwa bafate ifi muzerekanywe imbere. Buri ifi ibe ifite umubare w'amanota yanditseho, gira amakipe abiri wongereho amanota kuri buri yose.</p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Izi nkuru zose zabereye he?</li><li>• Uzuzura uyu murongo "Ngwino unkurikire nza ....."</li><li>• Ninde Yesu yabwiye aya magambo?</li><li>• Ni iki Petero yakoze igihe yari abonye afashe amafi menshi?</li><li>• Uzuzura uyu murongo "uyu ni umuntu ki ....."</li><li>• Kuki Umwami Yesu yazamutse umusozu?</li><li>• Ni iki cyateye abigishwa ubwoba cyane?</li><li>• Ni iki Petero yigiye kuri Yesu muri iyi nkuru?</li></ul>

## A4 Inkuru 1

### Petero arasinzira – Iyi nkuru iravuga ku mwami Yesu asenga se.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Amasengesho yari ingirakamaro mubuzima bw'Umwami Yesu.</li><li>• Nibyo umumaro kuri twe gusenga.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Yohana 15:14</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 26:36-46</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ku bintu abana babona bigoranye. Urugero kwirukanka mu gice cya nyuma cy'irushanwa, gutega amatwi ukibanda ku kintu igihe kirekire, kuba amaso ku gikorwa kidasanzwe utegereje kigatinda.</li><li>• Mu nkuru y'uyu muni Yesu akeneye inshuti ye Petero ngo amushyigikire bidasanzwe. Reka turebe niba Petero yari ashoboye gukora ibyo Yesu yamusabaga gukora.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• <i>Sobanura imvano y'iyi nkuru.</i> Yeu yari azi ko mu kanya aza kuba agiye gupfira ku musaraba. Yari yamaze gusangira n'abigishwa be ifunguro rya nyuma. Yesu akenshi yasengaga Se kandi yari azi uko byari ingenzi gusengera ibyari bigiye kuba. Azana abigishwa be mu busitani (mu gashyamba) aho yakundaga gusengera. Nijoro Yesu yashakaga ko inshuti ze magara eshatu arizo Petero, Yakobo na Yohana ziba maso bagafatanyaga nawe gusenga.</li><li>• Yesu yahaye Petero, Yakobo na Yohana amabwiriza yuko baba maso kandi bagasenga <b>(Matayo 26:36-38)</b>. Yesu yigira imbere gato maze asenga Se. <i>Sobanura uburyo Yesu yumvaga ameze, isengesho rye ryerekana ko yashakaga kunezeza Se mu bintu byose (Matayo.26:38-39)</i> nyuma y'isaha Yesu abona Petero n'abandi basinziriye. <i>Vuga ukuntu byamubabaje icyo gihe. (Matayo 26:40-41)</i>.</li><li>• Yesu asenga ku nshuro ya kabiri nanone asanga inshuti ze zasinziye. <b>(Matayo 26:42-43)</b></li><li>• Yesu asenga inshuro ya gatatu agarutse asanga basinziriye nanone. <i>Nimuvuge ukuntu Petero n'abandi batereranye Yesu. Nabo ubwabo bari bananiwe kwisengera mu gihe cyari gikomeye nk'iki, mu gihe bari bakeneye gusenga. (Matayo 26:44-45)</i></li><li>• Muri icyo gihe abanzi ba Yesu baba barahageze kumufata. <b>(Matayo 26:45b-46)</b></li><li>• <i>Wanzura. Tanga umumaro wo gusenga kuri twe kuko bidufasha kubona imbaraga ziturutse ku Mana tukabasha gutsinda ibigeragezo. Ingero za bimwe mu byabaye ku bana zigomba gutangwa.</i></li><li>• <i>Petero n'abandi baratsinzwe ntibubahirizaitageko rya Yesu "Mube maso kandi musenge" ariko Yesu ashakaga ko twubahiriza amategeko ye.</i></li><li>• <i>Ibitandukanye n'ibyo abigishwa bakoze Yesu we ntiyigeze abahana, yarasenze kandi ahabwaga imbaraga zo kujya ku musaraba hanyuma atanga ubuzima bwe kubwacu.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Yesu asengera mu gashyamba(mu busitani) ki Getsemani.</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w'ingenzi – <b>Yohana 15:14</b>. Fasha abana kumenya ko ari ibyo ikirenga (igiciro cyinshi) kubwira nki ncuti ya Yesu.</p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yasengeye he?</li><li>• Ni abahe bigishwa yashakaga ko basengana nawe?</li><li>• Ni iki Yesu yarimo asengera?</li><li>• Yesu yari ameze ate igihe yarimo asenga?</li><li>• Yesu asenga bwa mbere yagiye ahantu hareshya hate?</li><li>• Kuki abigishwa batabashije gusenga?</li><li>• Ni inshuro zingahe Yesu yabasabye ngo ni basenge?</li><li>• Habaye iki Yesu amaze gusenga?</li><li>• Ni hehe umurongo w'ingenzi uboneka?</li><li>• Yesu atwita iki iyo tumwubashye?</li></ul>

## A4 Inkuru 2

Petero arwana – Iyi nkuru iravuga ku byabaye mu gihe Yesu yafatwaga.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu yemera gufatwa akicwa ku bwacu.</li><li>• Dushobora guhangana n'umubabaro mu mibereho igoye y'ubuzima bwacu.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Abefeso 4:26</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 26:47-56</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<p>Subiramo inkuru iheruka kubyabaye mu gashyamba. Petero n'inshuti ze ntibasenze nk'uko Yesu yabibasabye. Noneho habayeho ibihe byinshi bikomeye. niki bari gukorkizaho?</p>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kora agakino k'ibyabaye. Hari mu mwijima kandi hatuje. Ariko bitunguranye habaho umurindi w'ingabo z'abasirikare. Petero n'inshuti ze bumvise babaye bate?</li><li>• Ako kanya Yuda asohoka mu gitero cy'abanzi, aza gusoma Yesu. <i>Sobanura uwo Yuda yari we kandi ko ubu aribwo bwari uburyo bwe bwo kugira ngo abasirikare bamenye Yesu uwo ariwe. Sobanura icyo "ubugambanyi aricyo" reba urwego 2 igihe cya Bibiliya. (Matayo 26:47-50)</i></li><li>• Igihe Petero abonye ko Yesu barimo bamufata yahise arakara cyane noneho agerageza kurwana kuri Yesu asatira umwe mu bantu bari mu gitero. <b>(Matayo 26:51)</b> <i>Biroroshye ko natwe tunanirwa kwihangana tukarakara nka Petero. Mu buryo bw'agakino hita ureba umwe cyangwa itsinda ry'abana ubagire inama. Ako kanya Yesu yahise abwira Petero kubika inkota ye. Sobanura ko Yesu atashakaga ko Petero amurwanirira kuko yari azi ko ibirimo biba ari kimwe mu mugambi w'Imana. Yesu yashakaga kwemerera abanzi be bakamufata bakamwica. Yarimo ashaka kugenda kubwacu. Erekanwa itandukaniro hagati ya Yesu na Petero, Yesu yari atuje yasenze, Se Petero wari watsinzwe ntasenge ntiyarimo agenda nkuko Yesu yashakaga ko agenda. (Matayo 26:52-56)</i></li><li>• Abigishwa bagize ubwoba maze baramuta barahunga, <i>sobanura impamvu bakoze ibi (Matayo 26:56b)</i>. Uretse Petero wenyine wagerageje gukurikira Yesu. Ariko akaba yari kure ngo nawe adafatwa. <i>Fasha abana kubona neza ukuntu Petero yakoraga ibi ntihagire umuvumbura. (Matayo 26:58)</i></li><li>• <i>Sobanura ko niba turi aba Nyagasani Yesu dushobora gusenga kandi tukamusaba kudufasha kuterekana uburakari ahubwo tugashobora kwigarura. Umwuka wera uba mu buringo bw'umukristo atanga imbaraga zo kwitwara neza.</i></li><li>• <i>Vuga ku ngaruka zitari zimwe iyo dutekereje kukugira uburakari cyangwa kurwana.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Yesu asengera mu gashyamba ka Getsemani</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w'ingenzi – <b>Abefeso 4:26</b>. Sobanura ko niba twarakaye dukeneye guhita twibohora uburakari vuba.</p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ninde wazanye n'abanzi mugashyamba ka Getsemani?</li><li>• Ni gute Yuda yerekanye Yesu uwo ariwe?</li><li>• Niki Petero yakoze igihe Yesu yarimo afatwa?</li><li>• Ni ikihe gice cy'umubiri Petero yatemye ku mubiri w'umuntu?</li><li>• Niki Yesu yabwiye Petero gukora?</li><li>• Nigute umukristo yanesha umujinya?</li><li>• Abigishwa bakoze iki igihe Yesu yafatwaga?</li><li>• Ninde wagerageje gukurikira Yesu ari kure?</li></ul> <p><b>Yikine:</b> abayobozi bashobora kwerekana mu buryo bumwe cyangwa bubiri aho umuntu yagize umujinya, uko wamugira inama mu gice twize.</p>

### **A4 Inkuru 3**

#### **Petero amwihakana – Iyi nkuru iravuga ku gukenera kubabarirwa.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Inshuro nyinshi ntabwo tuba inyangamugayo cyane kandi dutererana inshuti zacu.</li><li>• Iyo dutsinzwe Umwami Yesu ashaka kutubabarira.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Zaburi 51:7</b> <b>Igice cya Bibiliya: Matayo 26:69-75</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ukuntu tumenya abantu dushingiye ku majwi. Niba abana bamenyereye gukoresha telefoni bashobora kumenya uvuze batamubwiwe, ni muvuge ukuntu abantu bavugaga ururimi rumwe mu buryo butandukanye. Ushobora gutanga ingero mugihugu urimo.</li><li>• Bihuze n’inkuru yo mucyumweru gishize, ibutsa abana ukuntu Yesu bamufashe n’uburyo abigishwa birutse ariko Petero yashakaga kumenya ikiza kuba kuri Yesu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Petero ajya mu rugo rw’inzu y’umutambyi mukuru (<b>Matayo 26:69a</b>). <i>Sobanura mu rugo (imbuga) hari inyuma y’inzu. Niba bishoboka koresha urugero rw’imbuga y’inzu y’inyubako hafi aho y’abana. Sa nukora agakino ijoro ry’imbeho, umuriro, abarinzi, abaja n’abagaragu nabo bari bahari.</i></li><li>• Umuja yari azi Petero abwira abandi ko Petero yari kumwe na Yesu. Petero avugaga ko atazi ibyo uwo muja avugaga (<b>Matayo 26:69b-70</b>). <i>Fasha abana kureba ko Petero yavuze ibinyoma, rwose yari kumwe na Yesu. Musuzume impamvu Petero yabeshye.</i></li><li>• Nyuma Petero arimuka ajya ku irembo amenywa n’undi muja, nanone Petero avugaga ko atazi Yesu (<b>Matayo 26:71-72</b>) ku bana koresha urwego 2, sobanura ijamba guhakana.</li><li>• Hashize akanya undi muntu yongeraho ko Petero avugaga nk’abigishwa ba Yesu, Petero yakomokaga i Galilaya nka Yesu kandi n’abandi bamukurikiye nabo, huza ibi n’ibyo wavuze mu gutangira. <i>Vuga ukuntu Petero yari afite ubwoba ahakana ku nshuro ya gatatu.</i></li><li>• Inkoko irabika, Petero yibuka ibyo Yesu yari yahoze amubwira (<b>Matayo 26:34</b>) sobanura impamvu Petero yababaye. (<b>Matayo 26:74b-75</b>)</li><li>• <i>Sobanura ko Petero yari yakoze amakosa ntiyagize ubunyangamugayo bwo kuvugaga ko ari umwigishwa wa Yesu ahubwo yarabeshye. Twese dukora amakosa.</i></li><li>• <i>Hari ibihe natwe dutererana Yesu iyo tuvugaga cyangwa dukora. Umwami Yesu arashaka kutubabarira ibibi twakoze, yiteguye kubikora kuko yapfiriye ku musaraba kubwo ibyaha byacu.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Petero yihakana Yesu</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w’ingenzi – <b>Zaburi 51:7</b>. Sobanura ko iri ari isengesho ritubwira ko iyo dusabye Umwami Yesu kutubabarira ibyaha ni nkaho atwuhagiye kandi akatweza akaduhindura umweru kuruta urubura. Niba ari ngombwa sobanura urubura icyo aricyo.</p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Petero yari ategerereje?</li><li>• Ninde muntu wa mbere wavuganye na Petero?</li><li>• Ni kangahe Petero yavuze ko atazi uwo Yesu?</li><li>• Kuki Petero yavuze ibi binyoma byose?</li><li>• Ni inshuro zingaha Petero yumvise inkoko ibika?</li><li>• Niki yibutse yumvise inkoko ibitse?</li><li>• Kuki Petero yarize?</li><li>• Niki twakora niba dutereranye Yesu?</li></ul>

## A4 Inkuru 4

### Urukundo rwa Petero – Iyi nkuru iravuga ikiganiro cya Petero na Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Petero ahabwa andi mahirwe yo kugaragaza urukundo rwe kuri Yesu hanyuma yo kumwihakana.</li><li>• Umwami Yesu araskaka ko tumukunda.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi:</b> 1Yohana 4:19 <b>Igice cya Bibiliya:</b> Yohana 21:1-19</p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Saba abana kongera gutekereza ku nkuru bumvise kuri Petero. Ni uwuhe murimo Petero yakoraga Yesu amuhamagara bwa mbere?</li><li>• sobanura ko hari byinshi byabaye kuva ubwo. Petero yari umwe mu nshuti za Yesu za bugufi ariko Petero nawe yaramutereranye (bibutse inkuru eshatu zubushize ziheruka).</li><li>• Mu magambo make nyuma Yesu yapfiriye ku musaraba ariko arongera arazuka. Mu bihe bibiri bitandukanye Yesu yahuye n’abigishwa be abereka ko ari muzima. Umunsi umwe hanyuma y’ibi, Petero afata icyemezo cyo kujya kuroba na none.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Abigishwa bari bakesheje ijoro ariko ntacyo bafashe (<b>Yohana 21:3</b>) <i>nimutekereze mwisuzume ukuntu bumvaga bameze, bananiwe, bashonje, bababaye.</i></li><li>• Ifoto yerekana uko byari bimeze, hari kugasusuruko umuntu aba ahagaze ku nkombe. Ongera ubabwire ikiganiro cyabaye hagati y’abigishwa n’umuntu batari bamenya wari uje (<b>Yohana 21:4-6a</b>).</li><li>• Igihe bumviraga amabwiriza y’uwo muntu bafashe amafi menshi (153), ako kanya Yohana amenya uwo muntu ko ari Yesu. Petero ahita yishima cyane asimbukira mu mazi aya guhura nawe. (<b>Yohana 21:7-8</b>)</li><li>• Yesu abategurira ifunguro rya mugitondo (<b>Yohana 21:9-14</b>) <i>gerageza kwiyumvisha uko byari bimeze babonye ifunguro aho ku mazi ndetse n’uko byari bidasanzwe nta no kumva ukuntu Yesu ari kumwe n’abo aho ngaho.</i></li><li>• Nyuma yo kurya Yesu aganira na Petero. Inshuro eshatu abaza Petero ko amukunda (<b>Yohana 21:15-19</b>) <i>sobanura ukuntu byari iby’umumaro kuri Petero. Umwami Yesu yerekanyeko yari yarababariye Petero kandi yari afite umurimo udasanzwe azamukorera. Ku rwego rwa 2 ushobora kwerekana ukuntu Petero yarimo agaragaza urukundo rwe kuri Yesu inshuro 3zose bitandukanye nuko yari yaramwihakanye mbere.</i></li><li>• Baza abana uko bo bakunda Umwami Yesu.</li><li>• Ni gute bo basubiza ikibazo Yesu yabajije Petero? Yesu arashaka buri wese muri twe ko amukunda kandi akamukurikira.</li><li>• Uwitaka Imana iradukunda kandi yerekanye urukundo rwayo itanga umwana wayo ngo adukize, igisubizo cyacu cyagombye kuza kivuga ko tumukunda.</li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Yesu yiyereka abigishwa be i Galilaya, Yesu abaza Petero.</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>1Yohana 4:19</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Petero n’inshuti ze bari bamaze igihe kingana iki baroba?</li><li>• Ni muruhe ruhande babwiwe gushyira inshundura zabo?</li><li>• Bafasha amafi angahe?</li><li>• Ninde wamenye ko ari Yesu bwa mbere?</li><li>• Ninde washatse kugera kuri Yesu bwa mbere?</li><li>• Petero yakoze iki mbere yo gusimbukira mu mazi?</li><li>• Ninde wateguye ifunguro?</li><li>• Niki bariye muri iryo funguro?</li><li>• Ni ikihe kibazo Yesu yabajije Petero inshuro eshatu?</li><li>• Nihehe umurongo w’ingenzi uboneka?</li></ul> <p><b>Yikine:</b> ibice by’inkuru byashyirwa mu bikorwa gutya. Urugero. Kuroba, kumenya umushyitsi wari uje kunkombe batazi, gusimbukira mu mazi, gukurura urushundura rw’amafi, kubara amafi; ibyo bahuye nabyo Urugero: Umubabaro, gutangara, ibyishimo byinshi bishobora kuba byiza igihe urimo usomera abana inyandiko, inkuru za Bibiliya ugashyira bimwe mu bikorwa byoroshye mu myanya ikwiraye.</p>

## A5 Inkuru 1

### Aburamu ava iwabo – Iyi nkuru iravuga ku kwiringira Imana kwa Aburamu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Aburamu yumviye Imana mu gihe yavaga muri Uri akajya mu kindi gihugu.</li><li>• Dukwiye kwerekana ukwiringira Imana kwacu tuyumvira.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Imigani 3:5</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 12:1-9</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ibyo kwimuka mu nzu niba ibyo byarabaye ku bana.</li><li>• Ni gute biyumvise mu gihe bagiye kuba mu kindi gihugu kure y’iwabo? barabyishimiye? barababaye? bararakaye? bagize ubwoba? Tanga impamvu.</li><li>• Vuga kuri Aburamu, sobanura uko ubuzima bwe bwari bumeze mumurwa wa Uri, umuryango we, inshuti, iwabo, amatungo, ubuzima... Yari abayeho neza!</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe Imana ibwira Aburamu iti: «Va iwanyu ujye mu gihugu nzakwereka» (<b>Itangiriro 12:1</b>). <i>Niki cyari gikomeye kubyo Imana yasabaga Aburamu (kuva aho yari amerewe neza, iwabo atazi aho agiye).</i></li><li>• Imana yahaye Aburamu isezerano (<b>Itangiriro 12:2-3</b>). <i>Vuga ukuntu isezerano ry’Imana ryari iry’ibintu byiza – urugero – kugira ishyamba rikomeye n’izina rikomeye. Yashakaga guha umugisha Aburamu. Mu gihe Imana ihaye umugisha ubantu, iba yerekana ubugwaneza bwa Yo.</i></li><li>• Aburamu yumviye Imana. (<b>Itangiriro 12:4</b>) <i>Kuki utekereza ko Aburamu yumviye? (Yizeye amasezerano y’Imana/yiringiye Imana.)</i></li><li>• <i>Vuga uwari kumwe na Aburamu – Sarayi umugore we, Loti mu byara we, abagaragu be n’Imana na yo yari ihari ngo imwereke inzira. Vuga ukuntu baba baragiye bagendera ku ngamiya barara mu mahema muri urwo rugendo rurerure rwo mu butayu.</i></li><li>• Nyuma Aburamu yaje kugera i Kanani. (<b>Itangiriro 12:6-9</b>)</li><li>• <i>Ubwo Aburamu yumvaga ameze gute? Sobanura ko kubaka igicaniro bwari uburyo bwo gushima Imana kuri Aburamu.</i></li><li>• <i>Vuga i’bihe Imana ishaka ko tuyiringira.</i></li><li>• <i>Vuga ko ibyo bisobanura kwiringira Imana rwose; tukaba ari yo dutegereza ho gukora ibintu aho kwiringira uburyo bwacu n’ubumenyi bwacu.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI – Aburamu ajya i Kanani</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w’ingenzi – <b>Imigani 3:5</b> Vuga ko uyu murongo werekana ibyo Aburamu yakoze – yiringiye Imana n’umutima we wose kuruta gukora ibintu mu buryo bwe.</p>
<b>YIBUKE</b>	<p>Koresha imvugo YEGO/OYA ku bivuzwe hepfo ibyo gusubiramo no gukomeza inkuru/bigamije kwiga. Tanga ihurizo!</p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yavugishije Aburamu.</li><li>• Aburamu yavuye iwabo kubera inzara.</li><li>• Imana yasezeraniye umugisha Aburamu.</li><li>• Aburamu yari afite imyaka 70 ava iwabo.</li><li>• Aburamu yari azi aho agiye.</li><li>• Aburamu yari afite umuhungu witwa Loti.</li><li>• Imana iyobora Aburamu kujya i Kanani.</li><li>• Aburamu yabaga mu nzu aho mu gihugu gishya.</li><li>• Aburamu yiringiye Imana mu kumvira Imana.</li><li>• Imana ishaka ko tuyiringira kandi tukayumvira.</li></ul>

## A5 Inkuru 2

### Aburamu na Loti – Iyi nkuru iravuga ku mahitamo yo kwikunda kwa Loti.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Loti yahisemo mu kwikunda maze bimuhindikira kuba guhitamo nabi.</li><li>• No ngombwa ko duhitamo neza .</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Waba Abafilipi 4:19 cyangwa Itangiro 13:15</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiro 13:1-18</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ku mahitamo abana bagira no kubyo kureka abandi bagahitamo mbere. Reba urugero rukwiriye rwo mu muco wanyu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Abagaragu ba Aburamu n’aba Loti batonganiye urwuri rw’amatungo. <b>(Itangiro 13:5-7)</b></li><li>• Aburamu yari azi ko intonganya atari ikintu cyiza, bityo aha Loti umwanya ngo ahitemo bwa mbere igihugu ashaka kujyanamo amatungo ye. <b>(Itangiro 13:8-9)</b></li><li>• <i>Vuga imiterere y’igihugu, yerekana itandukaniro ryo guhitamo kwahawe Loti – ikibaye kineteshejwe n’amazi cya Yorodani, ikibaya cyuzuye ubwatsi butoshye ugereranije n’ubundi butaka butari bwiza buhakikije. Ni iki utekereza ko Loti yari gutora?</i></li><li>• Uguhitamo kwa Loti, (Itangiro 13:10-13). <i>Kuki yahisemo uko yabigenje? (Yabonye igisa n’icyiza maze aracyifuza ubwe.) Loti yabaye umunyabugugu n’uwikunda nk’uko natwe twaba bo. Sobanura ko uguhitamo kwa Loti kutabaye kwiza mu nkuko yatekerezaga kuko abantu babaga aho batanzezaga Imana.</i></li><li>• Aburamu na Loti baratandukana maze Imana isezrana ko umunsi umwe ahazaza, Imana izaha Aburamu n’umuryango we igihugu cyose abona areba muri buri cyerekezo. <b>(Itangiro 13:14-18)</b></li><li>• <i>Ni gute uba waragiye umeze iyo iza kuba uri Aburamu? Uba waragiye wumva ubeshywe? (Shimangira ko Aburamu yari afite isezzerano ry’Imana riruta icyo Loti yari yahisemo.)</i></li><li>• <i>Loti yahisemo nabi. Dukeneye guhitamo mu bwenge. Uguhitamo kwiza dushobora gukora ni ukubwira Umwami Yesu kuza mu buzima bwacu ngo atubabarire ibyaha byacu.</i></li><li>• <i>Ibando ku kuba Imana izi icyiza kuri twe kandi ishobora kuduha ibyo dukeneye byose nk’uko yari igiye guha Aburamu ibyo yari akeneye byose. Vuga ko Imana yakwiringirwa ko ikomeza amasezerano ya Yo.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Aburamu na Loti batandukana</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umwe mu mironko y’ingenzi – <b>Waba Itangiro 13:15 cyangwa Abafilipi 4:19</b> uyiganishe ku nkuru abana bumvise.</p>
<b>YIBUKE</b>	<p>Inkuru irangira Aburamu yubaka igicaniro. Uwasubije ikibazo neza mu itsinda ashobora guteguragukusanya amabuye. <b>(Itangiro 13:1-6)</b> Amabuye nya mabuye cyangwa ibishushanyo by’amabuye, byakorwa. Itsinda ryatsinze riba rifite igicaniro cy’amabuye.</p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Ni gute tuzi ko Aburamu yari umuntu w’umutunzi?</li><li>• Ni nde wafashe icyemezo cyo guhosha intonganya?</li><li>• Ni nde wahisemo bwa mbere?</li><li>• Ni uwuhe mugezi Loti yabonye?</li><li>• Ni mu kihe cyerekezo Loti yagiyemo?</li><li>• Ni iki kitari cyiza ku hantu Loti yahisemo?</li><li>• Ni hehe Imana yabwiye Aburamu kureba?</li><li>• Ni iki Imana yasezeranije Aburamu? (igihugu n’umuryango)</li><li>• Ni iki Aburamu yakoreye ku gicaniro yubatswe?</li><li>• Ni ukuhe guhitamo gukomeye tugira mu buzima bwacu?</li></ul>

### **A5 Inkuru 3**

#### **Amasezerano y’Imana kuri Aburamu – Iyi nkuru itubwira ku kwizera amasezerano y’Imana.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Kuko Imana izi ibizaba ejo itanga amasezerano ku bizaba.</li><li>• Imana ishaka ko twiringira amasezerano ya Yo.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Waba 1Abakorinto 10:13 cyangwa Itangiriro 15:6</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 15:1-7</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Tanga ikigereranyo cy’isezerano rikorewe abana. Ibande ku kwiringira bagomba kwerekana mu gihe bategereje no guharanira kureba imbere ku gusohozwa kw’iryo sezerano. (Ushobora kandi gutanga ikigereranyo cy’isezerano ritasohojwe kubera ibi n’ibi.)</li><li>• Nk’abantu dushobora guteshuka ku masezerano yacu, ariko Imana buri gihe ikomeza amasezerano ya Yo!</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yabwiriye Aburamu mu nzuzi maze imusezeranya umwana w’umuhungu. <b>(Itangiriro 15:1, 4) Bijyanishe ku masezerano Imana yahaye Aburamu mbere. Gerageza kumva ukuntu icyo nkuru yatangaje Aburamu ubu wari ufite imyaka 90+.</b></li><li>• Imana yeretse Aburamu inyenyeri maze imubwira ko umuryango we uzaba munini nk’uko umubare w’inyenyeri uri ! <b>(Itangiriro 15:5) Tekereza uko bidashoboka kugerageza kubara inyenyeri ! Tuma abana batangarira inyenyeri n’Umuremyi wazo.</b></li><li>• Aburamu yizeye Isezerano ry’Imana. <b>(Itangiriro 15:6) Hishura impamvu zatumye Aburamu yizera Imana.</b></li><li>• Imana yahaye Aburamu na Sarayi amazina mashya. <b>(Itangiriro 17:5, 15) Izina rishya rya Aburahamu bivuga “sekuruza wa benshi” bityo yashoboraga buri gihe kwibuka isezerano ry’Imana.</b></li><li>• Imana yadusezeranije mu Ijambo ryayo, Bibiliya. Tanga ingero zimwe z’amasezerano y’Imana kuri twe mu gihe tuyiringiye.</li><li>• Imana iranezerwa mu gihe twizeye ibyo ivuga.</li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI – Isezerano ry’Imana kuri Aburahamu</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umwe mu mirongo y’ingenzi – <b>waba 1 Abakorinto 10:13</b> (Imana ni indahemuka) – sobanura ko kudahemuka bivuga ko Imana igomba gukomeza amasezerano ya Yo. <b>Cyangwa Itangiriro 15:6</b> – Sobanura ko Imana yanezerewe mu gihe Aburamu yayizeraga.</p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni iki Imana yari yarasezeranije Aburamu ko azagenga?</li><li>• Ni iki Imana yasezeranije Aburamu mu nzuzi cyangwa iyerekwaga?</li><li>• Ni nde wari umugore wa Aburamu?</li><li>• Ni iki Imana yeretse Aburamu?</li><li>• Ni iki Imana yagereranije n’inyenyeri?</li><li>• Ni iki Aburamu yakoze mu gihe Imana imuha isezerano?</li><li>• Ni irihe zina rishya rya Aburamu?</li><li>• Ni irihe zina rishya rya Sarayi?</li><li>• Ni iki Imana ishaka ko tukora mu gihe tumenye amasezerano yayo kuri twe?</li><li>• Ni iki ijamba ‘kwizera’ bisobanura?</li></ul>



## A5 Inkuru 4

### Aburhamu n'Abashyitsi – Iyi nkuru ivuga uko amasezerano y'Imana asohora.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>Imana yohereje ubutumwa mu buryo bunyuranye, by'umwihariko mu gihe Bibiliya yari itarandikwa. Intumwa eshatu z'ingenzi zizana ubu butumwa bw'Imana kuri Aburhamu.</li><li>Imana ni indahemuka ku masezerano ya Yo – nta kintu na kimwe gikomeye kuri Yo.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Itangiriro 18:14</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 18:1-15</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Vuga uko bigenda mu muco wanyu mu gihe abashyitsi batunguranye bahageze. Ushobora gukoresha ibintu bimwe ugereranya cyangwa ikinamuco rigufi ku kwakira umushyitsi.</li><li>Kora ibyabaye ku kuza kw'abashyitsi b'Aburhamu – Aburhamu yarimo kuruhuka hanze y'ihema rye ku manywa... mu gihe abonaga abantu bamwegera. Abo bari bande?</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>Aburhamu aha ikaze abashyitsi be maze abategurira amazi n'ibiryo. <b>(Itangiriro 18:2-8)</b> <i>Vuga uruhare rwa Sara. Shaka ibikora ku mutima mu kuvuga iyi nkuru – izuba ricanye, amazi akonje ku birenge bishyushye, impumuro y'ibiryo...</i></li><li>Nyuma yo kurya, abashyitsi batatu babwira Aburhamu inkuru y'uko umwaka utaha Sara azabyara umuhungu. <b>(Itangiriro 18:9-10)</b> <i>Ni gute abo bashyitsi bari babizi? Sobanura abo bashyitsi bari bande– intumwa z'Imana zivuye mu ijuru – umwe yari Umwami Yesu abandi ari abamalayika. Vuga ukuntu Aburhamu yiyumvise amaze kumva iyo nkuru. Amasezerano y'Imana yari yegereje gusohora!</i></li><li>Sara araseka kuko yatekerezaga ko bidashoboka ariko Imana imusezeranya gukora ibidashoboka! <b>(Itangiriro 18:11-15)</b> <i>Muvuge ukuntu Imana yaba yariyumvise ubwo Sara yasekaga.</i></li><li>Nyuma y'umwaka umwe, umwana wa Sara aravuka. <b>(Itangiriro 21:1-7)</b> <i>Gerageza kubona ibyishimo bagize. Ese Imana yakomeje isezerano ryayo? Hamwe n'icyiciro cya 2 cy'abana ushobora gusobanura icyo izina Isaka rivuga, (birasekeje).</i></li><li>Imana yakwiringirwa mu gusohozza amasezerano ya Yo kuri twe. Nta kintu gikomeye kuri Yo – no muri iki gihe ni ko iri! <i>Mbega Imana itangaje twiringira!</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Aburhamu n'abashyitsi batazwi batatu.</p>
<b>YIGE</b>	Igisha kandi usobanure Umurongo w'ingenzi – <b>Itangiriro 18:14</b>
<b>YIBUKE</b>	<p>Ibi bibazo by'isuzuma bijyanye n'iyi nkuru. Ushobora gushaka kubikoresha cyangwa ugashingira isuzuma ryawe ku rusobe rw'ibibazo ukuye mu nkuru zose enye A5.</p> <ul style="list-style-type: none"><li>Ni ikihe gihe cy'umunsi abashyitsi bahagereye?</li><li>Icyo gihe Aburhamu yari ari he?</li><li>Ni iki Aburhamu yabwiye Sara gukora?</li><li>Ni iki kindi bagombaga kurya?</li><li>Ni hehe Sara yari ari mu gihe intumwa zavugaga inkuru yazo?</li><li>Kuki Sara yasetse?</li><li>Hari hasigaye igihe kingana iki ngo Sara abone umuhungu?</li><li>Ni irihe zina umwana azitwa?</li><li>Aburhamu yari afite imyaka ingahe Isaka avuka?</li><li>Tekereza impamvu ebyiri zateye Aburhamu na Sara kwishima. (Babyaye umuhungu, Imana yari yakomeje isezerano ryayo kuri bo.)</li></ul> <p><b>Yikine:</b> Abana bashobora kwishimira gushyira mu mukino ibyavuzwe mu gice cya mbere cy'iyi nkuru. Mukore byose mubohotse. Abakuru babafasha bafata umwanya wa Aburhamu na Sara, umugaragu, abashyitsi batatu. Bagenda basimburana, mu matsinda mato, abana bashobora kwigana/gufata uruhare mu magambo yavuzwe.</p>

## A6 Inkuru 1

### Aburhamu yumva Imana – Iyi nkuru ivuga gukunda Imana kuruta byose.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Aburhamu Yakunze Imana kuruta undi uwo ari we wese cyangwa biri kintu cyose.</li><li>• Natwe dukwiye gukunda Imana n'umutima wacu wose.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Waba Itangiriro 22:8 cyangwa Gutegeka 6:5</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 22:1-9</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana bakubwire bimwe mu bintu by'ingenzi kuri bo – Ni ikihe kintu kiruta ibindi mu buzima bwawe? Kuki ari ingenzi?</li><li>• Ubundi babaze ukuntu bamemerwa bagombye kuba bareka icyo kintu – Wakwemera guheba icyo kintu? Mwamerwa mute kibakuweho? Sobanura ko inkuru y'uyu muni ivuga ku kureka ikintu mu by'ukuri gikomeye cyane kuri Aburhamu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yakomeje isezerano ryayo kuri Aburhamu na Sara maze ibaha umuhungu. Izina rye ni Isaka. Baramukundaga cyane. <b>(Itangiriro 21:1-3)</b></li><li>• Umunsi umwe Imana ibwira Aburhamu gujyana Isaka ku musozi witwa Moriya. Isaka agomba kuba yari akiri ingimbi. Imana yashakaga ko Aburhamu atanga Isaka umuhungu we nk'ituro kuri Yo. Imana yageragezaga Aburhamu ngo irebe ko mu by'ukuri ayikunda. N'ubwo ibyo byakomereye Aburhamu, yiringira Imana maze akora ibyo Imana yamusabye gukora. <b>(Itangiriro 22:1-2)</b> <i>Aburhamu yakunze Imana n'umutima we wose. None yumvise Imana ashaka kuyumvira n'ubwo yamusabaga ikintu kigoye cyane.</i></li><li>• Kare mu gitondo, Aburhamu ategura iby'urugendo byose. Yasa inkwi zo gutwika igitambo maze afata abagaragu be babiri n'ingamiya. <b>(Itangiriro 22:3)</b></li><li>• Nyuma y'iminsi itatu, bagera ku musozi Imana yari yatoranije, Aburhamu abwira abagaragu be babiri kumurindira aho, hamwe n'ingamiya, maze Isaka yikorera inkwi mu gihe se yari afite icyuma n'umuriro. <b>(Itangiriro 22:4-6)</b></li><li>• Batangiye kuzamuka umusozi, Isaka abaza se aho umwana w'intama wo gutamba ari? Aburhamu arasubiza ati "Mwana wanjye, Imana iri bwibonere umwana w'intama ubwayo". <b>(Itangiriro 22:7-8)</b></li><li>• <i>Aburhamu yumviye Imana kuko yayikundaga. Imana ishaka ko tuyikunda n'imitima yacu yose kandi nanone tukayumvira mu byo idusaba gukora byose.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Aburhamu na Isaka</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>waba Itangiriro 22:8 cyangwa Gutegeka 6:5</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni gute umuhungu wa Aburhamu yitwaga?</li><li>• Ni irihe zina ry'umusozi Imana yashakaga ko Aburhamu ajyaho?</li><li>• Ni abagaragu bangaha Aburhamu yajyanye nabo?</li><li>• Byabafashe igihe kingana gute ngo bagere ku musozi?</li><li>• Ni nde Aburhamu yavuze ko azibonera 'umwana w'intama ubwe'?</li><li>• Ni nde Aburhamu yakundaga kuruta undi wese cyangwa ikindi cyose?</li><li>• Ni nde twakunda n'imitima yacu yose?</li></ul>

## A6 Inkuru 2

### Aburhamu yumvira Imana – Iyi nkuru iravuga isekurume y'intama yagiye mu mwanya wa Isaka.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yatanze isekurume y'intama mu mwanya wa Isaka.</li><li>• Yesu yagiye mu mwanya wacu mu gihe yapfiraga ku musaraba ku bw'ibyaha byacu.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Abagalatiya 2:20</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 22:9-14</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Bwira abanyeshuli batekereze ko baba bagiye guhanirwa ikintu kibi bakoze – Mwakumva mumerewe mute?</li><li>• Maze ubwira abana batekereze ko hari undi wemeye guhanwa mu mwanya wabo – Ni gute mwakumva mumerewe?</li><li>• Sobanurira abana ko inkuru y'uyu muni ivuga ikintu cyafashe umwanya wa Isaka.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<p>Ibutsa abana iby'inkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Byagezeho Aburhamu na Isaka bagera hejuru ku musozi, aho bubatse igicaniro cy'amabuye. Isaka ashyirwa ku gicaniro. <b>(Itangiriro 22:9-10)</b></li><li>• Mu gihe Aburhamu yari agiye kwica Isaka nk'ituro ku Mana, malayika ahamagarira mu ijuru abwira Aburhamu guhagarara no kutagira icyo atwara umwana we. Aburhamu yari yerekanye ukuntu mu by'ukuri akunda Imana. <b>(Itangiriro 22:11-12)</b></li><li>• Aburhamu areba ku ruhanda abona isekurume y'intama yafashwe amahembe n'igihuru. Ashyira iyo sekurume ku gicaniro mu mwanya wa Isaka. <b>(Itangiriro 22:13)</b></li><li>• <i>Ni gute utekereza ko Aburhamu na Isaka biyumvise mu gihe babonye ko isekurume y'intama igiye gufata umwanya wa Isaka?</i></li><li>• <i>Mu gihe Yesu yapfiraga ku musaraba yari yafashe umwanya wacu. Twakoze ibibi byinshi ariko Yesu ahanirwa ibyo bibi byose mu gihe yapfaga.</i></li><li>• <i>Yesu yaradupfiriye kuko adukunda kandi ntiyashakaga ko tubabarizwa ibyaha byacu. Arashaka ko tumukunda tukamubwira ngo warakoze kujya mu mwanya wacu.</i></li><li>• <i>Ni gute wiyumva umenye ko Yesu agukunda cyane kuburyo yagupfiriye?</i></li><li>• <i>Ni gute twakwereka Yesu ko tumukunda?</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana: FBI Aburhamu na Isaka</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w'ingenzi aho biri ngombwa – <b>Itangiriro 2:20</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Aburhamu yubatswe igicaniro?</li><li>• Ni iki bakoresheje mu kucyubaka?</li><li>• Ni nde wahamagariye mu ijuru?</li><li>• Ni iki malayika yabwiye Aburhamu?</li><li>• Ni iki Aburhamu yerekanye ku Mana?</li><li>• Ni iki cyafashe umwanya wa Isaka ku gicaniro?</li><li>• Ni nde wafashe umwanya wacu ku musaraba?</li><li>• Kuki Yesu yapfiriye ku musaraba?</li></ul>

### **A6 Inkuru 3**

#### **Imana irafasha – Iyi nkuru iravuga Imana yerekana inzira.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Umugaragu yasabye Imana kumufasha maze Imana iramufasha.</li><li>• Imana izadufasha natwe nituyibisaba.</li></ul> <p><b>Umurongo w’ingenzi: Waba Itangiriro 24:27 cyangwa Matayo 7:7</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 24:1-28</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Bwira abana gutekereza ku bantu babafasha – Ni nde ugufasha? Ni ibiki bakora mu kugufasha? Ibyo bituma wiyumva gute mu gihe bagufashije?</li><li>• Emerera abana kuvuga udukuru two mugihe bafashije umuntu.</li><li>• Sobanurira abana ko inkuru y’uyu munsu ivuga ku Mana ifasha umuntu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Aburahamu yari umusaza cyane, ariko mbere y’uko apfa ashaka ko Isaka azaba yishimiye ko yarongoye. Bityo aha umukuru mu bagaragu be amabwiriza yo kujya gusabira umuhungu we umugore. Amubwira kwiringira Imana ko izamuyobora ku mugore ukwiriye. <b>(Itangiriro 24:1-9)</b> Ni gute utekereza ko umugaragu yiyumvise mu gihe Aburahamu amubwira kujya gusabira Isaka umugeni?</li><li>• Umugaragu afata ingamiya 10 mu za Aburahamu maze atangira urugendo rwe. Nyuma yo kugenda iminsi myinshi, ahagarara ku iriba hafi y’umurwa wa Nahori. Bwari bugorobye kandi inkumi zose zazaga kuvoma ku iriba. <b>(Itangiriro 24:10-11)</b></li><li>• Umugaragu asenga Imana ayisaba kumwerekana umwe muri abo bakobwa uzaba umugore wa Isaka. Avuga ko azasaba amazi yo kunywa maze umukobwa uzayamuha akanuhira ingamiya ze icumi, azaba amenye ko ari uwo Imana yahitiyemo Isaka. <b>(Itangiriro 24:12-14)</b></li><li>• Ntibyatanzwe abona umukobwa mwiza aje ku iriba. Izina rye ni Rebeka. Mu gihe amusabye amazi, ayamuha anezerewe kandi yuhira n’ingamiya ze zose. Ni gute umugaragu yatekereje? Ni gute yiyumvise? <b>(Itangiriro 24:15-21)</b></li><li>• Nyuma yo gutanga impano ziturutse kuri shebuja Aburahamu, amubaza niba hari aho gucumbika iwabo. Mu gihe yavugaga ko iwabo hari ibyumba bihagije, umugaragu yubika umutwe ashimira Imana yamusubije amasengesho ye maze ikamufasha kubona umukobwa ukwiriye. <b>(Itangiriro 24:22-27)</b></li><li>• Waba warigeze guhabwa umukoro ukomeye wo kurangiza? Tanga ingero zifatika.</li><li>• Ni nde umugaragu yasabye kumufasha?</li><li>• Ni nde dushobora gusaba kudufasha? Imana ishaka kudufasha no kutuyobora mu gihe tugomba guhitamo no gufata ibyemezo. Izadufasha guhitamo ibikwiriye.</li></ul> <p><b>Soza inyigisho y’igihe cya Bibiliya.</b></p> <p><b>Yerekana:</b> FBI Aburahamu na Isaka</p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure umurongo w’ingenzi aho biri ngombwa – <b>waba Itangiriro 24:27 cyangwa Matayo 7:7</b></p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde wagiye gusabira umugeni Isaka?</li><li>• Ni ingamiya zingahe umugaragu yajyanye?</li><li>• Ni hehe umugaragu yahagaze?</li><li>• Hari ikihe gihe cy’umunsu?</li><li>• Ni iki umugaragu yasabye ngo bimufashe kumenya umugeni ukwiriye?</li><li>• Ni irihe zina ry’umukobwa waje ku iriba?</li><li>• Ni iki yakoze ngo afashe umugaragu?</li><li>• Ni iki umugaragu yakoze mu gihe yabonye ko Imana yamufashije?</li></ul> <p>Hari igihe, abana bashushanya bafasha umuntu ubwabo.</p>

## A6 Inkuru 4

### Uguhitemo kw'Imana – Iyi nkuru iravuga Isaka arongora Rebeka.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Rebeka na Isaka bakurikije umugambi w'Imana maze baranezerwa cyane.</li><li>• Mu gihe twiringira Imana tugakurikiza inzira yayo tuzanezerwa.</li></ul> <p><b>Umurongo w'ingenzi: Zaburi 144:15</b> <b>Igice cya Bibiliya: Itangiriro 24:28-67</b></p>
<b>YITANGIRE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana niba barigeze kujya mu bukwe – ni nde wari warongoye? Bari bambaye iki? Byagenze gute mu bukwe? Ese umukwe n'umugeni bari bishimye?</li><li>• Bwira abana ko inkuru y'uuyu muni ivuga ubukwe bwabaye mu bihe bya Bibiliya. Birashoboka ko iyi nkuru itandukanye n'uburyo ubukwe butegurwa mu gihugu cyanyu.</li></ul>
<b>YIGISHE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ibutsa abana iby'inkuru.</li><li>• Rebeka ariruka ajya iwabo kubabwira ibyabaye. Musaza we Labani ariruka ajya ku iriba, azana umugaragu mu rugo aramwakira. Ariko mbere y'uko umugaragu yemera kurya, abwira umuryango wa Rebeka icyamuzanye. <b>(Itangiriro 24:28-49)</b></li><li>• Se wa Labani nawe bemera ko ari Imana yayoboye umugaragu wa Isaka kuri Rebeka. Bidatinze baha umugaragu uburenganzira bwo kujyana na Rebeka ngo abe umugore wa Isaka. Umugaragu ashima Imana ku bwo yasubije ugusenga kwe. Maze aha impano nyinshi Rebeka n'umuryango we. <b>(Itangiriro 24:50-53)</b></li><li>• Mu gitondo, babaza Rebeka niba azajyana n'umugaragu ngo arongorwe na Isaka. Rebeka nawe yemera kugenda. <b>(Itangiriro 24:54-61)</b> <i>Ni gute Rebeka yiyumvaga? (Byari bimutonde buhoro kuko Atari azi Isaka n'umuryango we, ariko biramukurura kuko wari umugambi w'ukuri w'Imana kuri we!)</i></li><li>• Dusubire mu rugo kwa Aburahamu, Isaka yari ategereje kandi yibaza ibyarimo kuba. Nimugoroba ubwo yatemberaga, abona ingamiya ziza. Ahita yakira Rebeka mu rugo rwe rushya amujyana mu ihema rya nyina. Isaka akunda Rebeka cyane maze amugira umugore we. <b>(Itangiriro 24:61-67)</b></li><li>• <i>Utekereza ko Isaka yiyumvise gute abonye ugiye kuba umugore we? (Birashoboka ko yatangaye cyane bikamugora kuko atari yarigeze amenya Rebeka mbere, ariko kuko yiringiraga mu mugambi w'Imana ashimishwa no gufata Rebeka nk'umugore we.)</i></li><li>• <i>Ari Isaka na Rebeka bombi bari bishimye kuko biringiye bagakurikiza umugambi w'Imana. Imana ishaka ko tuyiringira natwe tugakurikiza umugambi wayo. Mu gihe tubikoze, tuzuzuzwa ibyishimo n'umunezero.</i></li></ul> <p><b>Soza inyigisho y'igihe cya Bibiliya.</b></p>
<b>YIGE</b>	<p>Igisha kandi usobanure Umurongo w'ingenzi – <b>Zaburi 144:15</b>. Uyu murongo usobanura ibyishimo dushobora kugira mu gihe Imana isohoje umugambi wayo mu buzima bwacu.</p>
<b>YIBUKE</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni irihe zina rya musaza wa Rebeka?</li><li>• Ni iki umugaragu yakoze mbere yo kurya?</li><li>• Kuki umuryango wa Rebeka wemeye kumureka kuba umugore wa Isaka?</li><li>• Ni iki umugaragu yahaye Rebeka n'umuryango we?</li><li>• Ni nde bavuze ko yayoboye umugaragu?</li><li>• Ni nde watemberaga mu mirima mu gihe umugaragu na Rebeka bageraga mu rugo?</li><li>• Kuki Isaka na Rebeka banezeranywe?</li><li>• Ni nde watunezeza kurusha undi uwo ari we wese?</li></ul>

# Ubuyobozi bw'uburyo abigisha batanga amanota ku nyigisho

## INYIGISHO Z'ICYICIRO CYA 1:

- Urupapuro rumwe (cyangwa ebyiri mu dutabo) buri cyumweru ahanini bigizwe no gusiga amabara no kuzuza amwe mu magambo.
- Amanota icumi atangwa buri cyumweru bikagera ku manota 40 ku kwezi.
- Abana bahabwa inyigisho z'icyiciro cya mbere baba batazi gusoma neza, ubwo twizera ko ari ababyeyi / ababarera / n'abayobozi bazabafasha.
- Twagennye amanota 2 kuri buri gisubizo no kugereranya ku byo gusiga amabara byaba amanota 10 kuri buri nyigisho.

## INYIGISHO Z'ICYICIRO CYA 2:

- Impapuro ebyiri buri cyumweru (4 mu dutabo)
- Inkuru iri mu isomo. Abanyeshuli bagomba kubona amagambo anyuranye akuwe mu isomo, bagasiga amabara amwe n'amwe, bakuzuza imirongo y'ingenzi n'ibindi.
- Amanota makumyabiri atangwa buri cyumweru bikagera ku manota 80 ku kwezi, mu gihe Mugihe inyigisho zaba zasubijwe

## GUKOSORA Y'IGIHE CYA BIBILIYA

### GUTANGA AMANOTA

Abigisha basabwa bwa mbere :

- Kureba muri buri somo no gutanga amanota ku bisubizo by'ukuri no ku byakoshejwe. Gutanga amanota akwiriye uko byabwirijwe..
- Buri gihe gukoresha ibara rindi no gushyira AKAMENYETSO kuri buri gisubizo cy'ukuri.
- Gutanga igisubizo cy'ukuri, no gukosora imyandikire, n'ubwo aho hadakurwaho amanota.
- Gutanga igice cy'amanota ku bisubizo bituzuye neza.
- Guteranya amanota yose no kuyandika ku rupapuro ahabigenewe.

Ni ngombwa kugira ubuntu no kugwa neza no gukora byose mu gutera umwete abanyeshuli mu buryo bushoboka mu kwiga Bibiliya kwabo. Bizafasha ubwo buri kwezi uwigisha azashobora kwandika akajambo gatera umwete umunyeshuli kandi hari umwanya watanzwe mu rupapuro rw'isomo aho kubandikira. icyo ubivugaho bishobora gukorwa ku mabara yasizwe neza, ku manota meza umunyeshuli yabonye byerekana ko yumvise isomo neza, n'ibindi.

Tugerageze kugira icyo tubivugaho mu buryo bunyuranye. Ibibazo, ibivugwa, ibyerekanwa, ugutera umwete n'ibindi, byose bishobora gukoreshwa kugira ngo tunyuranye. Bisaba gutekereza, ariko ni ngombwa gushishikaza umunyeshuli. Niba ibivugwa cyangwa ikibazo gihora kigaruka buri kwezi, bita agaciro.

### ICYICIRO 1

#### Icyo kuvuga muri rusange

"Anny – Nishimiye ko watangiye izi nyigisho kandi nizeye ko bigushimisha. Nkunda uko usiga amabara. Ujya ku ishuli? Mbwira uko bimeze. Ntegereje kumva ibyawe vuba."

"Andereya, wakoze neza. Mbega amabara meza! Ese birakugora kutarenga umurongo? Hari aho wibagiwe gusiga mu nyigisho iherutse."

#### Ibivugwa by'umwuka

"Sara wakoze neza. Mbega Yayiro ngo aragira amahirwe mu gihe Yesu yamufashaga!"

"Igisubizo cyiza cyane! Inkuru y'urupfu rwa Yesu irababaje ariko biranezeza kuba yarazutse."

### ICYICIRO 2

#### Icyo kuvuga muri rusange

"Joanna wasubije neza nanone – Nzi neza ko umwarimu wawe anezerewe n'uburyo ukora ku ishuli!"

"Ndabona ugiye kwizihiza umunsi mukuru w'amavuko. Mbese hari icyo uzakora kidasanzwe? icyo wakora cyose Gira umunsi mukuru mwiza!"

"Wagerageje uko ushoboye. Harimo amakosa amwe n'amwe! Ntukibagirwe gusubiramo ureba ibisubizo watanze buri gihe."

#### Ibivugwa by'umwuka

"Nkunda ukuntu wasize amabara akana Yesu mu kavure. Si byiza se ko Imana yamwohereje mu isi ku bwacu?"

"Rwose nkunda uko usiga amabara! Zakariya yarahanwe kuko atemeye ibyo Imana yavuzel Ntazongera gushidikanya ku Ijambo ry'Imana."

"Ibisubizo byiza cyane. Umuntu wahuye na Filipo mu butayu yagiye anezerewe. Yari yumvise kandi yemera Inkuru Nziza ya Yesu."



© Bible Educational Services 2015

[www.besweb.com](http://www.besweb.com)

Registered Charity UK 1096157